

UMURABYO

IKINYAMAKURU KIRENGERA UBUZIMA


**Bwiza Connie
mu mazi abira**



Umwaka wa X No 37, 22 Kamena - 06 Nyakanga 2015, B.P. 4305 Kigali - Rwanda, Tel. (+250) 785207524, Email: umurabyonews@gmail.com Frw 500

Perezida Museveni yashyize Kagame mu ihurizo rikomeye

**FPR n'abakozi
bayo baracicikana
bajyana impapuro
mu Nteko basaba ko
Perezida Kagame
ayobora u Rwanda
ubuzima bwe bwose**



**FDU INKINGI
yamaganiye
kure
ubutegetsi
bwa cyami mu
Rwanda**

**Meya Jules
Ndamage yateye
ibuye mu gihuru
kugirango
FPR irebe
ikivumbukamo**



Perezida Museveni yashyize ihurizo rikomeye kuri Perezida Kagame

Ubwu Perezida Kagame yagendereraga abaturage bo muri Kigezi akarere ka Kabale ku mupaka w'u Rwanda na Uganda yabijeje kuzashumbusha bamwe muri bo babuze imwe mu mitungo yabo mu gihe cy'intambara yagejeje ku itsembabwoko ryakorewe Abatutsi mu Rwanda. Habarurwa abaturage bagera ku gihumbi bangirijwe imwe mu mitungo.

Perezida Museveni yategetse minisitiri ushinze ibikorwa by'umuryango wa EAC Shem Bageine, guhita atangira gukora urutonde rw'abangirijwe imitungo.

Museveni yatangaje ko azasaba mugenzi we w'u Rwanda, Perezida Kagame mu kumufasha muri icyo gikorwa.

Museveni yatangaje ko gihe cy'intambara abakiga benshi baje kumubwira uko Abanyarwanda biraye mu mirima y'ibijumba bakabikura, ariko ko yabasubije ko bakwiye kwitonda kandi bakihangana ko igihe kizagera bagasubira iwabo.

Museveni mu ijamba rye akaba yarababwiye ko abashimira kuba barihanganywe ko azabwira umuvandimwe we Perezida Kagame kugira uruhare muri icyo gikorwa cyo kuriha abo baturage.

Museveni atangariza abo baturage ko niba Kagame aramutse ataje, we ubwe (Museveni) azabishyura.

Iryo jambo ry'ihumura ku baturage ba Kabale, Museveni yaribabwiye ubwo yetembereraga ibikorwa by'imishinga itandukanye ya Leta muri Ndorwa mu burengerazuba bw'akarere ka Kabale.

Ijambo rya Museveni kuri abo baturage ba Kabale rije nyuma y'impungenge zagaragajwe na Minisitiri w'ibikorwa by'umuryango wa EA Shem Bageine, wabwiye Perezida Museveni n'abandi bayobozi ko amaze kwakira ibirego byinshi by'abaturage ba Kabale basaba ubwishyu bw'imitungo yaboyangijwe mu gihe cy'intambara.

Mu biganiriro bitandukanye Minisitiri Bagaine yagiranye na New Vision, yatangaje

ko amaze kwakira urutonde rw'abantu 1000 bavugaga ko batakaje imitungo yabo irimo amazu, amatungo arimo inka n'ihene, harimo kandi ibihingwa byari bihinze ku mupaka uhuza ibihugu byombi mu gihe cy'intambara. Ariko ko bagaragariye abo baturage ko bateganyirijwe kuzarihwa ibyabo bangirijwe.

Ariko aho urujijo rukiri ntabwo Perezida Museveni yashoboye gusobanura niba iyo mitungo yarangijwe mu gihe cy'intambara yiswe iy'Ukwakira (1990) cyangwa mu gihe cy'itsembabwoko ryakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Iyo mitungo y'Abaturage ba Kabale iramutse yarangijwe n'impunzi z'Abanyarwanda zahungiyeye muri icyo gihugu mu gihe cy'itsembabwoko ryakorewe Abatutsi, byagorana kumvisha Perezida Kagame ko yagira uruhare rwo kuriha iyo mitungo.

Ariko niba iyo mitungo yarangijwe mu gihe cy'urugamba rwo kubohoza u Rwanda, bishobora kumvikana ko Kagame yambyumva neza, kuko ako gace gahana imbibe n'aho ingabo za FPR Inkotanyi zari zarigaruriye mu gice cy'u Rwanda.

Agnes U. Nkusi Hasesaguwe miliyari 11 ku ngendo y'imari y'umwaka wa 2013-2014

Kuri uyu wa mbere komite ishinze kugenzura umutungo wa Leta mu nteko ishingira amategeko y'u Rwanda (PAC) yatangiye kumva ibisobanuro bya bamwe mu bayobozi batandukanye mu nzego za Leta ku ruhare rwabo mu inyerezwa n'isesegura ry'umutungo ryawo byagaragajwe n'umugenzuzi w'imari ya Leta mu mwaka w'ingengo y'imari 2013-2014.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013-2014, mu isuzuma ry'umugenzuzi w'imari ya Leta yakoze ku bigo bya Leta 131 yasanze miliyari 11 z'amafaranga y'u Rwanda yarasesaguwe.

Muri iyo raporo y'umugenzuzi w'imari y'umwaka wa 2003-2014, igaragaza ko mu ikoreshwa nabi ry'imari ya Leta ryagaragaye cyane mu cyigo cy'ubwishingizi n'ubwiteganyirize bw'abakozi (RSSB) no mu kigo gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA).

Raporo ivuga ko ibyinshi mu bigo byakorewe ubugenzuzi bw'imari bitashoboye kubika no gutunganya ibitabo by'ibaruramari. Umugenzuzi w'imari ya Leta muri iyo raporo akavugaga ko raporo y'ibaruramari ikozwe nabi y'ibyo bigo itera urujijo ku bafata ibyemezo cyangwa ku bayobozi bakuru b'ibyo bigo.

Ibigo bigarukwaho birimo; ikigo cy'ubwishizi n'ubwiteganyirize bw'abakozi (RSSB), ikigo gishinzwe amazi n'isukura (EWSA), n'ikigo cy'imisoro n'amahoro (RRA). Muri ibyo bigo 131, 29 muri byo raporo y'umugenzuzi w'imari yasanze bifite ibitabo by'ibaruramari bidatunganye, naho 36% byayo ubugenzuzi bw'imari bwasanze bifite raporo y'ibaruramari itunganye.

Depite Theoneste Karenzi umuyobozi wungirije wa PAC avugaga ko badashobora guhamagaza ibigo byose bifitanye ikibazo na raporo y'umugenzuzi w'imari ya Leta, ko bahise mu guhamagaza bimwe mu bigo bifite ibibazo bikomeye muri raporo yabyo y'ibaruramari.

Depite Karenzi, yongeraho ko iyo komite abereye umuyobozi wungirije izareba uko yahamagaza ibigo byujuje ku buryo bw'amategeko mu by'imicungire y'imari.

Karenzi avugaga ko bamaze kubona zimwe mu mpinduka mu myaka mikeya ishize, ariko ko hakiri inzitizi ko ibyinshi muri byo bikeneye mu nzego zose.

Mu gihe gishize, umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta Obadiah Biraho yakurikiye ihamagazwa ry'abayobozi mu nteko ishingira amategeko mu gusobanura inyerezwa ry'umutungo n'umicungire yawo.

Biraro avugaga ko komite ishinze umutungo wa Leta mu nteko ishingira amategeko (PAC) igomba gushyira imbaraga zose mu gucukumbura isoko y'imicungire mibi n'inyerezwa ry'umutungo, no kubifatira ingamba kugirango imisoro itangwa n'abaturage idakomeza kugendera ubusa.



Perezida Kagame w'u Rwanda na Perezida Museveni wa Uganda. (Photo/ File)

Biraro akomeza avugaga ko PAC ikeneye kureba igitera icyuho kiri mu micungire y'umutungo wa Leta, ngo ikareba kandi abantu ku giti cyabo babifitemo uruhare, no kureba kandi uburyo ibyo byose byahagarikwa.

Biraro avugaga ko mu gihe PAC ikemuye ikibazo cya biriya bigo 29 bifite raporo mbi y'ibaruramari, ko n'ibindi bigo bizahakura isomo.

Ku kibazo cy'icyahoze ari ikigo gishinzwe amazi n'amashyamba (EWSA) aho raporo y'umugenzuzi w'imari yagaragaje impapuro nyinshi muri raporo zigaragaza imikoreshereze y'imari mu buryo bunyuranyije n'amategeko, Biraro avugaga ko icyo kigo cyamaze igihe kirangwa n'umicungire mibi y'umutungo.

Biraro asobanura ko iyo micungire mibi y'umutungo mu cyohoze kitwa EWSA yaturukaga mu buyobozi bwo hejuru bw'icyo kigo kugera ku nzego zo hasi. Biraro avugaga ko ikibazo cyabayeho cyatewe kandi n'impinduka z'ubuyobozi no kugabanyamo kabiri icyo kigo by'umwihariko mu birebana n'abakozi.

Mu kwezi k'Ukuboza umwaka ushize, umugenzuzi mukuru wa Republika Richard Muhumuza yatangaje ko ibiro bye byakurikiranye abayobozi 74 bo mu nzego za Leta, barimo abanyamabanga ba Leta, bakurikiranyweho gucunga nabi amafaranga y'imisoro.

Muhumuza avugaga ko hari imibare ya nyuma igaragaza ishusho ngari y'ibyo ibiro bye bimaze gukora ku birebana na raporo y'umugenzuzi w'imari ya Leta.

Umushinjacyaha wa Republika, asobanura ko bamaze gusoza raporo y'umwaka wa 2012-2013, ko mu gihe gito izatangarizwa itangazamakuru.

Muhumuza avugaga ko muri Nyakanga umwaka ushize, batangiye gukora kuri raporo y'umwaka wa 2013-2014, ko mu gihe bakoraga iperereza kuri ibi byaha hari igihe basangaga ibintu byinshi binyuranyije n'amategeko.

Ibigo bya Leta byakorewe ubugenzuzi bw'imari n'umutungo byagiye bigaragara ko byananiwe gukora ubugenzuzi bw'imbere mu bijyanye no kwigenzura ubwabyo, kugaragaza amakosa agaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'igenzura ry'imbere.

Ibyo bikagira ingaruka mu kudindiza ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo imwe n'imwe irimo ijyanye n'amasoko ya Leta, kwishyura ba rwiyemezamirimo mu gihe barangije akazi bahawe, inyereza n'ikoreshwa nabi ry'umutungo, kuyobereza amafaranga ahandi hadafitanye isano n'igikorwa yagenewe gukora n'ibindi.

Nkusi Uwimana Agnes

Ijambo ry'ibanze

B.P. 4305 Kigali - Rwanda, Tel.: 0785207524,
0788550769

i Remera mu marembo ya Stade Amahoro
(Maison de la Presse)

Email: uwagnes2014@gmail.com

Managing Director : Nkusi-Uwimana Agnes

Marketing Manager : Ndayisenga Theogene

Ingengo y'imari: Hakwiye imicungire inoze y'umutungo, mu mwanya wo kongera imisoro isonga abaturage

Ingengo y'imari y'umwaka wa 2015-2016 yamaze kwe-
mezwa ni miliyari 1768.3 z'amafaranga y'u Rwanda.

Mu gihe umwaka y'ingengo y'imari y'umwaka wa
2014-2015 yari miliyari 1762.4 z'amafaranga y'u
Rwanda. Ingengo y'imari y'uyu mwaka i yongereweho
miliyari 5.9 z'amafaranga y'u Rwanda.

Igishya kuri iyi ngengo y'imari ni uko amafaranga
menshi azaba ayigize azaturuka imbere mu gihugu,
akazashakishwa mu misoro y'ibintu bitandukanye.
Ariko nubwo abantu bishimiye ko ayo mafaranga
menshi ku ngengo y'imari azaturuka imbere mu gi-
hugu mu rwego rwo gucuka ku mfashanyo n'inkunga
z'abaterankunga.

Ariko hari n'abatangiye kugaragaza impungenge ko
ibyongera bizagira ingaruka ku buzima bw'abaturage.
Urugero, Minisitiri Getete atangaza ko kugirango ziriya
miliyari 1768.3 z'amafaranga ziboneke ikigo cy'imisoro
n'amahoro (RRA) ko kigomba uko cyongerera imisoro
ku bintu bimwe na bimwe birimo n'umusaruro uturuka
ku buhinzi.

Ikindi nuko amakoperative nayo asabwa gutangira gu-
tanga umusoro mu mwaka w'ingengo y'imari utaha.
Abasesengura ubukungu basanga ibi nabyo bizagira
uruhare ku mibereho y'abaturage.

Mu gihe Abanyarwanda bari bataracengerwa n'umuco
wo kwizigamira, hakibazwa uko bizagenda aya makop-
erative atangiye gusora, ko bishobora gusubiza inyuma
ukwizigama kw'abaturage.

Hari abasanga hari hakwiye gufatwa ingamba zikomeye
mu bijyanye n'imicungire y'umutungo n'imari bya Leta,
ngo kuko ariho haburira amafaranga menshi. Harimo
gukwepa imisoro, kunyereza no gucunga nabi imari bya
Leta.

Nka raporo y'umugenzuzi w'imari ya Leta y'umwaka
w'ingengo y'imari 2013-2014, igaragaza ko miliyari 11
z'amafaranga zasesaguye mu buryo butumvikana.

Ni ukuvuga ko habayeho imicungire myiza ku mutungo
n'imari bya Leta, harakoka amafaranga atagira ingano
yafasha ku ngengo y'imari, mu mwanya wo kuyashakira
mu misoro isonga ubuzima bw'abaturage.

- Ubwanditsi

FDU INKINGI yamaganiye kure ubutegetsu bwa cyami mu Rwanda

Boniface Twagirimana ni Visi Perezida wa mbere w'Ishyamba FDU INKINGI Ishyamba ritaremerwa gukorera mu Rwanda ariko rikomeje gutanga umuganda w'ibitekerezo byubaka igihugu, arasaba ko mu Rwanda hakimazwamo umuco mwiza wo guhererekanya ubutegetsu, gusimburana kuko icyo umuyobozi atinze ku butegetsu akenshi ageraho agahinduka umunyagitugu ari nabyo byatuviriyemo Jenoside.

Ngo we uko abibona ngo ni abayobozi bahatira abaturage gusinyira ibyo batazi; ikindi kintu ngo kitumvikana nagato ni ukuntu bihandagaza bakavugako kuri miliyoni cuminimwe z'abanyarwanda ngo umuntu umwe ariwe ushobora kuyobora igihugu, uko ni ugusuzugura abanyagitugu bose ni ukuvugako umuntu umwe ari we uyobora wenyine, abasigaye bose ni agakingirizo.

Iyaba abaturage babikoraga ku bushake bwabo byaba ari byiza, ariko icyo byitegereje neza usanga ari ibintu bisa naho ari uguhenda abaturage, u Rwanda ni Repubulika ntabwo ari ubwami.

Kwirirwa bamamaza ngo Kagame yakozwe byinshi byiza, ibyakozwe ni ibyavuye mu misoro y'abaturage, ntabwo Kagame yakozwe ku mufuka we kugirango yubake ibikorwa by'igihugu.

Icyahagurukije



Boniface Twagirimana Visi Perezida wa mbere wa FDU-Inkingi. (Photo/ Net)

FDU INKINGI ni uko abanyarwanda badafite uburenganzira bwo kuvugako icyo batekereza; no mu gihe cy'amatora rero ntawe bazemera ko atora oya muri Kamarampaka, gutora neza ni uguturira icyifuzwa na FPR INKOTANYI, ntawe uzatinyuka gutora oya.

Iriya Kamarampaka ni ikinamico kuko FPR ntishyamba ko habaho irindi shyamba ritavugako rumwe nayo gusa ngo FDU INKINGI ntibizababuzako gutanga ibitekerezo byabo nk'abanyarwanda.

Yakomeje kuvugako mu Rwanda, abaturage bari mu byiciro, ngo umuturage utavugako rumwe na Leta abayemurage wo mu rwego rwa kabiri, ntahabwako ibyo yemererwa n'amategeko, ahabwako akato yaba afite akazi ka Leta akirukanwako agahazwako.

Boniface mu gusoza ikiganiro aratangira inama ku ishamba FPR ko ryakagombye kumva ibitekerezo by'amashyamba atavugako rumwe nayo kuko usanga ariyo akosora amakosa akorwako n'ishyamba riri ku butegetsu, umuturage ntafite uburenganzira bwo kuba yatorako icyo ashatse.

FDU INKINGI ntishyigikiye ko Itegeko Nshinga rihindukako ngo ntinemerako Perezida Kagame yongerwako manda ya 3, ngo izakomeze kubyamagana ikoresheje itangazamakuru n'abaturage babashyigikiye, babahamagarirako kurwanya ingoma y'igitugu.

Nkusi Uwimana Agnes



Victoire Ingabire Perezida wa FDU-Inkingi. (Photo/ Net)

Meya Jules Ndamage yateye ibuye mu gihuru kugirango FPR irebe ikivumbukamo

Hari ku cyumweru tariki ya 07 Kamena 2015, aho umuyobozi w'akarere ka Kicukiro Jules Ndamage, yihandagazaga akagira ati: "...Rubyiruko... rubyiruko... iki gihugu cyacu aho kimaze kugera... ntihazagire n'undi uzababeshya, avuga ngo buriya ni kanaka na kanaka.... Uru Rwanda aho rugeze ni nyakubahwa Paul Kagame, hanyuma n'Umuryango RPF-INKOTANYI, ngabo abantu babiri [...] ibyo tumaze kugeraho nka RPF, ntabwo ari PSD, PL, si PDC reka da! Ni RPF na Chairman wacu... iyo bigenze neza rero bajeni, abantu bose barabyiyitirira. Ukumva umuntu wese yiyitiriye ngo twabikoze twabikoze, iyo bigenze nabi..bahita bavuga ngo ni Leta ya FPR..."

Nyuma y'ijambo ryavuzwe n'Umuyobozi w'akarere ka Kicukiro, benshi bakomeje kugaragaza mu bitekerezo (coments) no ku mbuga nkoranyambaga ko batakiriyeye kimwe ibyatangajwe n'uyu muyobozi w'akarere ka Kicukiro.

Ariko abasesengura politiki y'iki gihugu n'aho igeze bakemeza ko Meya Ndamage atapfuye kuvuga abihubukiye kuriya, ko ari nko kugirango FPR irebe icyo ayandi mashyaka yitwa ko basangiye ubutegetsi atekereza.

Ariko bamwe mu bayobozi b'imitwe ya Politiki itandukanye mu Rwanda, bagize icyo babivugaho aho bagaragaje ko batishimiye ibyavuzwe na Meya Ndamage.

Bamwe bati "iriyi ntabwo ari imvugo y'umunyapolitiki uri mu rwego nk'urwa meya kabone n'iyi ibyo avuga byaba ari ukuri". Bakavuga ko niyo kwaba ari ukuvugira ishyamba ryawe, wagombye gukoresha imvugo iha agaciro ayandi mashyaka, cyane ko Meya Ndamage azi neza ko iki gihugu aho kigeze kitubatswe na FPR gusa.

Abandi nabo bakavuga ko ntacyo

Habineza yagize ati " ...yakagombye (Jules) guhita yegura

Ndamage yabeshye yavuze uko ibintu biri, ko ayandi mashyaka mu gihugu wagirango ntabwo nta n'icyo akora ngo uretse 'Green party', ipfa guhanyanyaza ko ayandi mashyaka ahora yigira mato kuri FPR, ko ndetse n'ibyo ayo mashyaka yakora bitagaragara ngo kuko yahisemo kwigira nk'abana batajya bakura.

Umwe mu banyapolitiki utarashatse kwivuga izina yagize ati " nk'ubu igitekerezo cy'ubwisungane mu kwivuza (Mituelle de santé) cyazanywe na bamwe mubayobozi b'ishyamba riharanira imibereho myiza y'abaturage muri demokarasi (PSD), ariko ko ari gakeya cyane usanga abagize iri shyamba biyitirira iki gikorwa, ngo cyeretse mu matora aheruka y'umukuru w'igihugu aho Dr Ntawukurirayo Jean Damascene yayirishaga nk'iturufu ubwo yarimo kwiyamamaza ku mwanya wa Perezida wa Repubulika.

Ku ikubitiro inkuru igisohoka umwe mu bayobozi bakuru b'ishyamba PSD, Olivier Nduhungirehe abinyujije kuri Tweeter, yahise agaragaza ko atishimiye amagambo y'uyu muyobozi, ari na byo byakomeje kugaruka mu mpaka, ku mbugankoranyambaga.

Amashyamba akomeje kugaragaza kwitinye cyane

Ikindi cyerekana uburyo aya mashyamba yitinye, no kugaragara nkaho akorerwa ku jisho rya FPR, ni uko Ndamage akimara kuvuga ririya jambo bamwe mu bayobozi b'amashyamba ari mu Rwanda aho kwamagana bivuye inyuma ibyatangajwe na Ndamage, (uretse Nduhungire Olivier wa PSD, ndetse na Frank Habineza wa Green Party)wumvaga abandi bavuga bigengesera bigaragaramo kwitinye no kutigirira ikizere, nkaho ibyo bavuga babizira.

Nyamara Meya Jules Ndamage we mu ijambo rye nta mbabazi yagiriye andi mashyamba yitwa ko afatanyije na FPR kubaka igihugu.



PSD: Dr. Vincent Biruta. (Photo/ Net)

Dr Mukabaramba Alvera, umuyobozi w'ishyamba PPC usanzwe ari n'umunyamabanga wa Leta Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage muri Minisitiri y'ubutegetsi bw'igihugu, yagaragaje ko asanga ibi bidakwiye kwirirwaho bigibwaho impaka ashingiyeye ku rwego rw'uwabitangaje.

Akavuga ko asanga byari kuba ibyo kwibazwaho ngo iyo aba ari Perezida wa FPR wabivuze byibura.

Mukabaramba yagize ati: "... buriya byaba ari ukujya muri polémique idafite 11..., ndumva icyo kibazo cyabazwa Perezida wa FPR..., Perezida wa FPR nakubwira ko yakozwe wenyine, ubwo nibwo twabona aho duhera."

Naho ku bwa Hon Mukabalisa Donathille, wa P L ati ".... Abanyarwanda bese ntibari muri RPF kandi bagira uruhare mu kubaka u Rwanda.."

Mu ishyamba Green Party ryamaze gufata uruhare rutandukanye n'ayandi mashyamba mu Rwanda, kuko byibuzwe ryo rigaragaza ukwisanzure gusesuye mu bitekerezo, ryo risanga nyuma y'amagambo ya Paul Jules Ndamage akwiye guhita yegura.



FPR: Meya Paul Jules Ndamage. (Photo/ Net)

Umuyobozi w'iri shyamba Dr Frank Habineza, asanga nyuma y'ibyatangajwe bidakwiye ko adakwiye gukomeza kuyobora nka Mayor.

Habineza yagize ati " ...yakagombye (Jules)guhita yegura, FPR itsinda urugamba bakurikije amasezerano y' Arusha n'andi mashyamba atarakoze Jenoside harimo na za PSD na PL zose..., bashyiraho Guverinoma y'ubumwe, ijyamo amashyamba yose, ndetse na MDR ijyamo, bashyiraho na Twagiramungu aba Premier Ministre (Minisitiri w'Intebe), ni ukuvuga ngo abanyarwanda bese batandukanye bagize uruhare mu kubaka kino gihugu.., ntaho ari FPR yonyine.., ni ukuvuga ngo rero icyo kintu yavuze, yibeshye cyane, ... ahubwo turasaba ko yegura".

Ku bwa Dr Vincent Biruta Perezida wa PSD we avuga ko agaciro ke katakongerwa nuko yagatesheje abandi. Imvugo y'umuntu ukuze muri politiki kandi irimo ubwenge ijyanye kandi na "context" y'u Rwanda muri politiki. Nta birenze ibyo ku muntu ufite ubwenge arumva, ariko kandi mu

Meya Jules Ndamage yateye ibuye mu gihuru kugirango FPR irebe ikivumbukamo

gihe uwo muhanganye muri politiki agushotoye mu buryo nk'ubwakoze na Mayor Ndamage nawe umusubirisha amagambo akakaye ashingiye ku byo nawe wakwerekana wakoze, cyane cyane ko Jules yasaga n'ushaka kuvuga ko ayandi mashya ntacyo yakoze.

Nubwo Dr Vincent Biruta avuga ko ibyavuzwe na Mayor Ndamage batafata nk'aho ari iby'ishyaka RPF ariko byavuzwe n'umunyamuryango wayo kandi abitangariza imbaganyamwinshi y'urubyiruko mu karere ayobora. Ibyo ubwabyo bifite icyo bisobanuye, ku buryo Biruta atabireza uruhoro rw'amazi.

Kubwa Dr Biruta we, asanga ibyavuzwe na Jules Ndamage byari kugira agaciro ngo iyo byivugirwa n'urwego rukuru rw'umuryango rwa RPF cyangwa Chairman wayo.

Nyamara Biruta akirengagiza ko Mayor Ndamage ari umuyobozi wa FPR mu karere ayobora gafite abaturage batari muni y'ibihumbi 600. Ngaho tekereza uwitwa ko muhanganye muri politiki yigaruriye imitima y'abantu bangana uko ntabwo ari umubare muto, abatuye muri ako karere bese batari muri FPR ariko ubaruye ushobora gusanga abarenga icya kabiri cy'abaturage bese ari abanyamuryango bayo.

Icyo Dr Biruta ahuriraho n'abandi ku magambo yatangajwe na Mayor Ndamage, nuko hari ukundi (Jules Ndamage) yari kubivuga adahaye agaciro gake indi mitwe ya Politiki.

o ku bwa Mukama Abbas, Visi Perezida w'ishyaka PDI, akaba na visi Perezida w'inteko ishingamutegekako y'umutwe w'Abadepite, avuga ko kuba Meya Jules, ari byo atekereza ari uburenganzira bwe, ariko ko bitavuze ko ari ukuri!

Kubwa Abbas Mukama, ngo imitwe ya politiki yose ikorera hamwe, ariko ko bitavanaho ko RPF ari ishyaka rifite abayoboke benshi (Parti majoritaire, ariko ko rikorana n'indi mitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, iyo twese dushyize hamwe.

Nubwo Depite Abbas, avuga ko ibyo bageraho ari umusanzu wa bese, ariko yakagombye kumva ko ibyatangajwe na Mayor Jules Ndamage ari uguhumura andi mashyaka akava mu bitotsi akerekana icyo amariye abayoboye bayo, nkuko Jule ugize icyo umubaza kerekanyeye n'icyo FPR yamariye abayoboke bayo n'abaturage muri rusange yabikwerekana ahereye mu karere ayobora.

Ariko se, uretse ibyo Depite Abbas avuga ko ibyo bageraho ari umusanzu wa bese, uwamubaza by'umwihariko ibyo ishyaka abereye umuyoboke PDI yamariye abaturage n'abayoboke bayo yabikwerekana?

Ku ruhande rumwe cyangwa urundi, abantu bashobora kuba barumvise amagambo ya Mayor Jules nk'aho harimo ubwiyemezi n'ubwirasi, ariko nk'umuntu ukina politiki nta yindi mvugo yari gukoresha.

Ariyo mpamvu, utu dushyaka duto turimo twa PDI n'utundi nka two dukwiye kugira ishyari ryiza dutewe n'ayo magambo y'ubushotoranyi (kuko muri politiki byemewe) natwo tukava hasi tugakora, tukareka guhora mu mugongo no kw'ibere bya FPR.

Imikorere n'imiterere y'amashyaka amwe n'amwe itesha agaciro politiki y'u Rwanda

Nubwo Dr Vincent Biruta avuga ko ibyavuzwe na Mayor Ndamage batafata nk'aho ari iby'ishyaka RPF ariko byavuzwe n'umunyamuryango wayo kandi abitangariza imbaganyamwinshi



Green Party: Frank Habineza. (Photo/ Net)

Iyo witegereje imiterere n'imikorere y'amashyaka amwe n'amwe ari mu Rwanda, by'umwihariko ayitwa ko ari mato usanga iteye isoni, ku buryo itesha agaciro politiki y'u Rwanda.

Uretse Mayor Ndamage wahaye agaciro gake aya mashyaka, ariko kwihesha agaciro gake kwayo hari igihe nayo ubwayo (amashyaka) abigiramo uruhare.

Mu minsi ishize ubwo Abanyarwanda mu nzego zitandukanye bagezaga ku nteko ishingamutegekako y'umutwe w'abadepite ubusababwabo bwo guhindura ingingo 101 y'itegekoshingamutegekako Perezida Kagame ishobore kwiyamamariza manda ya gatatu.

Ishyaka Green Party riyobowe na Habineza Frank, naryo ryageje ubusababwaryo ku nteko ishingamutegekako, risaba ko iyo ngingo 101 y'itegekoshingamutegekako itahindurwa, ngo kuko byaba binyuranyije n'amategekako.

Uwari usanzwe yakira ubwo busababwari ni Hon. Mukabalisa Donathille, Perezida w'inteko, aho kugirango yakire ubwo busababwari Green Party nkuko yakiriye ubw'abandi yarabuze we na bagenzi be, ntawe uzi aho barigituye.

Ariko nabyo byagaragaje ukwitinya no kutigirira ikizere kw'abanyapolitiki mu Rwanda, aho umuyobozi atinya kwakira ubusababwari irindi shyaka runaka ngo ni uko ibitekerezo bitandukanye n'iby'ayandi mashyaka.

Nyamara igitangaje ni uko nyuma y'aho iryo shyaka naryo ritanze ubusababwaryo ku nteko ishingamutegekako, Perezida Kagame Perezida Kagame yatangaje ko ishyaka ritavugarumwe n'ubutegetsi rya 'Green Party' rifite uburenganzira busesuye bwo gutanga ikirego, risaba ko ingingo ya 101 ivugakuri manda ya Perezida wa Repubulika itahindurwa.



Green Party: Frank Habineza. (Photo/ Net)

Perezida Kagame abinyujije ku rubuga rwe rwa Twitter, mu rurimi rw'icyongereza, mu Kinyarwanda ugenerekereje yagize ati "barimo gukora ibiri mu burenganzira bwabo ...Green Party, (ibyo ikora) ni ikintu cyiza."

Abantu rero bakibaza icyo Hon. Mukabalisa yangiraga kwikira ubwo busababwari Green Party, kandi biri mu burenganzira bwabo nkuko Perezida Kagame yabivuze.

Abanyarwenya nibo bavugako iyo kiriya giterekerezo cya Perezida Kagame gitangazwa mbere yuko Green Party igeza ubusababwari ku nteko ishingamutegekako aribwo Hon. Mukabalisa yari kwakira Green Party n'umutima utuje.

Ingingo ya 52 y'itegekoshingamutegekako Perezida Kagame yemera imitwe ya politike itandukanye mu Rwanda, aho ivugako iyo mitwe igira uruhare mu kwigisha abenegihugu, gukora politiki igendera kuri Demokarasi, gutora no gutorwa igatuma abagore n'abagabo bagira amahirwe angana mu myanya n'imirimu itorerwa ya Leta.

Nkusi U. Agnes



SG wa FPR: Francois Ngarambe. (Photo/ Net)

FPR n'abakozi bayo baracicikana bajyana impapuro mu Nteko basaba ko Perezida Kagame ayobora u Rwanda ubuzima bwe bwose

Umunyamabanga Mukuru w'Ishyamba PDP IMANZI Munyampeta Jean Damascene, umugabo w'imyaka 45 y'amavuko yagiranye ikiganiro kirambuye n'Umuyobozi Mukuru w'Ikinyamakuru Umurabyo.

Ndashaka kukubaza mukorana mute n'andi mashyamba atavugaga rumwe na Leta y'u Rwanda? mukorana mute na FDLR?

Ku kibazo cyawe cya mbere, nagusubiza ko amashyamba yose twemera ko atavugaga rumwe na leta ya FPR, dukorana nayo mu nzego zitandukanye. Hari ayo dufitanye amasezerano nka PS-Imberakuri, hari ayo dukorana bya hafi ariko tudafitanye amasezerano kuko icya ngombwa ari ibikorwa atari amashyamba. Ayo mashyamba dukorana amwe ari mu Rwanda ari muri hanze. Umunsi icyo mikoranire yateye izindi ntambwe tuza-bibatangariza.

Kuberekeye FDLR, n'ubwo twemera ko ari Abanyarwanda nk'abandi, ntacyo dukorana nayo kuko tutarahura kandi ntiwakorana n'umuntu mutaziranye. Umunsi twabamenye, tukamenya umushinga wabo, tukabona hari aho uhuriye n'uwa PDP-Imanzi, tuzakorana nta kabuza. icyo gihe ntikiragera rero kuko tutaramenyana.

Umugambi w'ishyamba ryanyu ni uwuhe ko mwavukiye hanze y'u Rwanda nubwo mukaba mutar-emerwa gukorera ku butaka bw'u Rwanda? Ni iki abanyarwanda babitezeho kizabagirira akamaro mu bihe bizaza? Bavuga ko ishyamba ryanyu rifite ingabo nibyo? Zitoreza he?

Ikibazo cyawe kirimo ibibazo byinshi. Reka mbisubize mpereye ku gice cya mbere aho wibaza imigabo n'imigambi y'ishyamba ryacu PDP-IMANZI.

Muri PDP-Imanzi twemeza ko kuva u Rwanda rwabaho, rwayobowe n'ngoma z'ubutegetsi bw'igitugu. Haba mu gihe cy'ingoma ya Cyami, iya Gikolonize n'iya Repubulika, Abanyarwanda bakomeje kwicwa no kuvutswa uburenganzira bwabo.

Impinduramatwara zo muri 1959, 1973 no muri 1994 ntabwo zakemuye iki kibazo ahubwo zisasiye Abanyarwanda batagira ingano abandi barameneshwa. Ubutegetsi bukomoka kuri izi mpinduramatwara ntibwashoboye guhumuriza Abanyarwanda, ahubwo bwakomeje kubategekeshya igitugu kivanze n'iterabwoba, politiki y'umususu no kubiba amacakubiri hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Abatwa bo basa n'abibagiranye.

Ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi cyakunze kwifashishwa kugira ngo agatsiko kari ku butegetsi kabugumeho hakoreshejwe inzira zose zirimo no gutsemba abo mu bundi bwoko cyangwa mu bwoko bw'ako gatsiko ariko batavugaga rumwe na ko.

Ibi byakajije umurego mu gihe cy'amahano y'itsembabwoko n'itsembatsemba yatangi-ranye n'intambara y'Ukwakira 1990, agakaza umurego muri 1994, ndetse agakomereza mu gihugu gituranyi cya Kongo kuva mu myaka ya 1996-1998. Muri aya mahano, nta muryango nyarwanda n'umwe utarapfushije kuko utarabuze umwana, umubyeyi cyangwa umuvandimwe, wabuze inshuti cyangwa abaturanyi.

Ishyamba PDP-Imanzi rishishikajwe cyane no gukemura burundu ikibazo cy'amacakubiri hagati y'Abanyarwanda. Umushinga waryo ugamiye mbere na mbere guhumuriza Abanyarwanda kugira ngo bicarane basase inzobe, baganire nta guca iruhande ku bibazo byose byabateye isubiranamo kandi bafate ingamba zo kubaka igihugu kigendera ku mategeko, cyubahiriza uburenganzira bw'ikiremhamuntu, ukwishyira ukizana, ubutabera, ukuri n'umubano n'ibihugu by'abaturanyi.

Gahunda y'ishyamba PDP-IMANZI ishyira imbere cyane uburenganzira bwa muntu kandi igamiye guteza imbere imiyoborere myiza, kurinda ubusugire bw'abantu n'imitungo hashyirwaho inzego z'ubuyobozi ziboneye buri Munyarwanda n'ubutabera bwigenga kandi bukorera rubanda.

Biragaragara ko mu Rwanda ubutabera butabaho, bwamizwe n'ubutegetsi nyubahirizategeko na bwo bwihariwe n'umuntu umwe rukumbi; Perezida wa Repubulika.

Ibi byatumye ubutabera buhinduka igikorero cyo kunyonga, kwikiza no kumvisha abadakomera amashyamba abayobozi bariho kabone no mu gihe babeshya ku mugaragaro cyangwa bica.

Igisubizo kiroroshye cyane kuko izo ngabo ntizibaho yewe nta n'iziteganyijwe. Ntabwo zakwitoza zitabaho. Gusa icyo twemeza ni uko tutanakeneye ingabo zo kurwana kuko Abanyarwanda nibwo ngabo nyakuri



Jean Damascene Mumyampeta munyamabanga mukuru wa PDP. (Photo/ File)

Ubutegetsi nshingamategeko mu Rwanda nta bubaho. Hari agatsiko kishyirirweho n'ishyamba riri ku butegetsi mu nyungu zako bwite, kagashyiraho amategeko akarengera mu bibi gakorera abanyarwanda, bikitwa ko abaturage bahagarariwe n'intumwa bitoreye kandi ari ikinyoma cyambaye ubusa.

PDP-IMANZI, turemeza ko igihe kigeze ngo abanyarwanda bahabwe uburenganzira bwabo bwo kwitorera mu buryo butaziguye ababahagararira mu Nteko ishingamamategeko aho gukomeza gufatwa nk'impumyi.

Ubutegetsi nyubahirizategeko bwihariwe na Perezida wa Repubulika wenyine kandi na we atubahiriza na gato amategeko yasinye ari na yo mpamvu akomeza gushyirishaho amategeko abuzabarenganye kuregera inkiko ngo zibarenganure.

Ishyamba PDP-Imanzi twamagana dukomeje akarengane kagiriwe Abanyarwanda mu nkiko gacaca; aho abatari bake bakatiwe ibihano biremereye cyane birimo n'igifungo cya burundu y'umwihariko bahimbwe ibyaha bitagira ababihagazeho, ibyaha bidateganywa n'amategeko y'u Rwanda, byongeye kandi bitavuzwe mu ikusanyamakuru.

Ibi byabaye agahomamunwa ubwo ubutegetsi nyubahirizategeko, bumaze kubuza abarenganiye muri izo nkiko gusubirishamo imanza zabo ingingo nshya nk'uko byatateganywaga n'amategeko ya gacaca, ubwo ubutegetsi bwatoreshye amategeko anyuranyije n'itegeko nshingamamategeko kugira urukiko na rumwe mu gihugu bagaragarizamo akarengane bagiriwe ngo barenganurwe; ubu bakaba baborera mu magereza.

Ikibabaje kurushaho ni uko hari n'amadosiye yakozweho amaraporo n'inzego za Leta zigaragaza akarengane kabayemo zigasaba ko asubirwamo ariko ubutegetsi nyubahirizategeko n'ubu bukaba bukomereye kuyabundikira, abo bantu bakaba bakomeje kurengana.

Ishyamba PDP-Imanzi tuzaharanira guca vuba aka akarengane, dushyiraho amategeko atazitira uwarenganye wese kandi wafukiranywe n'ubuyobozi, agire uburenganzira bwo kuregera inkiko no kuburana mu mucyo akarenganurwa, ubutegetsi nyubahirizategeko n'ishyamba riri ku butegetsi batabyivanzemo.

Tuzahesha agaciro amaraporo y'inzego z'igihugu n'ay'imiryango iharanira uburenganzira bw'ikiremhamuntu; ari iyo mu gihugu cyacu, iyo mu karere u Rwanda rurimo n'ikora ku rwego mpuzamahanga, kugira ngo akarengane ayo amaraporo yashyize ahagaragara kabonerwe umuti.

Tuzaharanira ko abanyarwanda tuvuye mu matora y'ikinyoma hagarukorwa amatwara nyayo, mu bwisanzure, abanyarwanda bakishyiriraho abategetsi bibonamo atari abo bageretsweho mu iterabwoba rikabije nk'uko bikorwa muri iki gihe.

Ikindi kibazo wambajije ni icyo kumenya niba PDP-IMANZI ifite ingabo no kumenya aho zitoreza.

Igisubizo kiroroshye cyane kuko izo ngabo ntizibaho yewe nta n'iziteganyijwe. Ntabwo zakwitoza zitabaho. Gusa icyo twemeza ni uko tutanakeneye ingabo zo kurwana kuko Abanyarwanda nibwo ngabo nyakuri. Umunsi bahaguritse ngo bibohoze igitugu, n'ingabo zikomereye gute ntizabahagarika.

Ibibazo by'u Burundi iyo mwitegereje mubona bishobora kugira ngaruka ki ku Rwanda? Ni iki abanyarwanda bakwigira ku biri kubera i Burundi?

Ntabwo wanyama ngo usinzire

inzu y'umuturanyi irimo gushyamba kuko ishobora gukomeza iyawe. Ibibera i Burundi rero biratureba cyane. Uwashobora kubafasha wese ngo amahoro agaruke ntiyagombye gutinda kuko amazi ashobora kurenga inkombe. U Burundi bwagize ibibazo bikomeye cyane ariko ku bushake bw'Abarundi n'Abarundikazi, baricaye Arusha bashakira amahoro. Aya mahoro bagombye kuyasigasira kuko bayabonye bigoranye cyane.

Ibyo Abarundi barimo kurwanira ni demokarasi yo gusimburana ku butegetsi mu mahoro. Ibi rero natwe biratureba kuko izo mpaka zaratangiyeye iwacu mu Rwanda. Ubu FPR n'abakozi bayo baracicikana bajyana impapuro mu Nteko basaba ko Perezida Kagame ayobora u Rwanda ubuzima bwe bwose. Ibyo kugirango biba, bagomba guhindura ingingo y'ijana n'imwe (101) y'itegeko nshya. Ibi rero ni agahomamunwa kandi bizagira ingaruka zikomereye cyane ku banyarwanda. PDP-Imanzi izabamagana kugeza uwo mugambi uburijwemo.

Ibiri kubera mu Rwanda mura-byumva ese mwemera ko itegeko nshya rihindurwa na Perezida warishyizeho kugirango abone uko yongera kwitoza mu matora ya 2017? Nta tegeko rizaba rihonyowe cyangwa uburenganzira bwa muntu?

Ibiri kubera mu Rwanda turabikurikirana kuko nk'uko watangiyeye ubimbaza, uzi neza ko ishyamba PDP-IMANZI riri mu Rwanda guhera mu kwa gatandatu 2013. Amakuru y'u Rwanda rero ni ayacu, ni ay'abavandimwe n'inshuti, ni ay'abanyamuryango ba PDP-IMANZI, ntabwo twarara tutayamenye.

Ikinamico ririmo gukorwa ryo gusaba ko manda za Kagame zongerwe hakavanwaho ingingo ya 101 imubuza kwiyamamaza bwa gatatu, riteye isoni n'agahinda kuko ridusubiza inyuma nk'imyaka 21. PDP-IMANZI yabivuze kera ko itabishyigikiye na gato kuko tuzi ingaruka bizateza mu banyarwanda.

Ese ko Perezida Kagame atari Imana n'ubwo hari abamwita impanga ya Yezu, ubu yitabarukiye u Rwanda rwajyana nawe? Kuki se niba twashobora kumusimbuza atabarutse, kuki tutamusimbuza ubu arangije manda ze ebyiri ziteganywa n'amategeko?

Abanyarwanda bamaze kugera hafi kuri miliyoni 12. FPR yadusobanurira ite ko tutabona Perezida mu bantu miliyoni 12? FPR yadusobanurira ite uko imaze imyaka 21 iyobora igihugu idashobora

Komeza ku urup.7

FPR n'abakozi bayo baracicikana bajyana impapuro mu Nteko basaba ko Perezida Kagame ayobora u Rwanda ubuzima bwe bwose

Ibukurikira urup.6

kubona usimbura Paul Kagame? Ibi ni ibimenyetso ko FPR yayoboye nabi kimwe n'umukuru wayo Paul Kagame. Ntabwo rero wahamba umuntu wiyemerera ubwe ko yayoboye nabi. Reka tubibutse ibyo Perezida Kagame ubwe yivugiyeye " Impamvu imwe abantu bakoresha bavuga ko batavuye ku butegetsi, jye niyo nkoresha kuvuga ko nzabuvamo. Maze ubu impamvu ni ebyiri. Impamvu ya mbere, ni uko mu buyobozi, bwa excellent leadership muvuga, mu bintu bimwe bikwiye kuba biherwaho, ni ukuvuga ngo ariko, umaze imyaka icumi, umaze makumyabiri, wafashije abantu kuba bazamuka, bagakomeza mu nzira, niba warayoboye neza wabayoboragamo. Niba ntabwo, ni ukuvuga ngo wayoboye nabi. Niyo mpamvu jyewe ntakomeza. Ntabwo nakomeza kuko naba narayoboye nabi, ngeze igihe nkwiye kuba ngenda, hakaba nta muntu wansimbura. Ntabwo nabikoresha ngo ntabwo nabonye umuntu uzansimbura, ngo niyo mpamvu nkwiye gukomeza. Ubwo ni ukuvuga ngo urakomeza nabi kuko wananiwe kugira uwagusimbura. Ni ukuvuga rero, niba narabinaniwe, ntabwo nkwiye gukomeza. Ntabwo nabihemberwa."

Aya magambo ya Perezida, tuyagereranyije n'ayo yivugiyeye ejobundi mu mwiherero i Gabiro, byerakana ko atagikurikira nawe amagambo avuga. Ko avuga ibintu ejo akivuguruzira. Ibi byerekana umuntu unaniwe, ukeneye kuruhuka. Ino aha ni kimwe mu bimenyetso by'indwara bita Burn out. Abaganga bagutegeka guhagarika ibyo wakoraga, ukicara abandi bagakomeza.

Ngarutse ku Itegeko Nshinga, ndabibutsa ko dukurikije n'amategeko, ibyo FPR irimo gukora binyuranye n'amategeko. icya mbere, ingingo ya 193 ivuga uko Itegeko Nshinga rihinduka ntaho iteganywa ko ari abaturage batangira kubisaba. Iyi ingingo irasobanurwa cyane kuko ivuga ko bitangizwa na gouvernement cyangwa Inteko (Sena cyangwa inteko y'abadepite). Bikazajya mu baturage nyuma ngo habe Kamarampaka. Iyo ingingo iragira iti :

"Ububasha bwo gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga bufitwe na Perezida wa Repubulika bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri; bufitwe kandi na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko binyuze mu itora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abawugize.

Ivugururwa ryemezwa ritowe ku bwiganze bwa bitatu bya kane by'amajwi y'abagize buri mutwe w'inteko.

Ariko iyo iryo vugururwa ryerekereye manda ya Perezida wa Repubulika, ubutegetsi bwa demokarasi ishingiyeye ku bitekerezo binyuranye cyangwa ku bwoko bw'ubutegetsi buteganyijwe n'iri Tegeko Nshinga cyane cyane ku butegetsi bwa Leta bushingiyeye kuri Repubulika n'ubusugire bw'Igihugu, rigomba kwemezwa na referendumu, rimaze gutorwa na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

Nta mushinga w'ivugururwa ry'iyi ngingo ushobora kwakirwa."

Iyo dusomye neza iyi ngingo, tubona ko abaturage badashobora gufata iya mbere ngo basabe ko Itegekoshinga rihinduka.

Ikindi, iyi ngingo iravugaga ibishobora guhinduka Itegekoshinga riramutse rihindutse. Muri ibyo, umubare wa manda nturimo. Ibyo bishoboka gusa ari uko iyi ngingo ya 193 ihindutse kandi umurongo wayo wanyuma uvugaga ko nta mushinga wo kuyihindura wakwirwa. Ibyo FPR na Kagame barimo rero, ni nko kurota uhagaze. Ntaho bizabageza.

Ingingo ya 101 nayo iragira iti :

"Perezida wa Repubulika atorera manda y'inyuma irindwi. Ashobora kongera gutorwa inshuro imwe.

Nta na rimwe umuntu yemererwa gutorera manda zirenze ebyiri ku mwanya wa Perezida wa Repubulika."

Sinzi niba iri jambo "Nta na rimwe" FPR yumva icyo rivugaga. Nta munyarwanda uko yaba ameze kose watorerwa kuba Perezida inshuro zirenze ebyiri.

Guca kuri iri hame, ni ugufungura umuryango uzatujyana mu kuzimu. None se dusubiyemo mu bwami Kagame akaba yaravukanye imbuto? Oya nareke abandi bayobore igihugu kuko nibitagenda bityo, abandi bifuzaga kuyobora igihugu cyabo bazagira ipfunwe kandi rishobora guteza intambara nk'izo twavuyemo. Ibi rero nta muntu twabyemerera, kabone n'ayo yaba yitwa Paul Kagame.

Birakwiye ko Perezida Kagame yiyongereye mandate ya 3? Ese koko abaturage baramushakira cyangwa ni kagame ubotsa igitutu? Muzakora iki kugirango amahanga amenye ukuri kuri mu mitima y'abanyarwanda?

Ikibazo cyawe kinyibukije abagororwa ngo nabo basabye ko Paul Kagame akomeza kuba umuyobozi. Itekinika riba muri FPR ryo gufungisha uwo bashakira wese turarizi. Abo bafunze benshi turabazi. Harimo abantu benshi barengana barimo na Perezida

Nta munyarwanda uko yaba ameze kose watorerwa kuba Perezida inshuro zirenze ebyiri.



Deo Mushyayidi Perezida wa PDP. (Photo/ File)

wa PDP-Imanzi bwana Mushayidi Déogratias bafunze burundu bamushinje ibyaha bihimbanaho. Bakamukatira nta mutangabuhama n'umwe ugaragaye ngo amushinje. Hari Ingabire Victoire n'abandi. Ubwo ejo bundi bazatubwirira ko nabo basinye ngo bashakira ko Paul Kagame akomeza kuyobora? Ni akumiro.

Nk'abanyarwanda tuzi imigani myinshi itwibutsa ko ibyo utegetse umuntu kubikora ashobora kubikora kandi atagukunze, akabikora ngo aramuke. Baravugaga ngo "umunyarwanda arakuramya wahindukira akakuvuma" cyangwa ngo "wishyira hejuru bagasimbagiza, wagwa hasi bagatsindagira". None se Habyarimana we abantu ntibamwitaga umubyeyi wabo nawe akiyita ikinani cyananiye abagome n'abagambanyi? Ubu se ari he? Na Kagame rero arabizi ko ibyo abamuriraho bamushakira, atari urukundo ari inda nini kandi zizoreka u Rwanda. Azagenda nk'abamubanjirije kandi u Rwanda n'Abanyarwanda bakomeze kubaho.

Ikibazo ahubwo twakwibaza ni iki "Ese koko ibirimo gukorwa si Kagame ubiri inyuma?". Igisubizo kiroshyeye iyo uzi uko igihugu kiyobowe. Nta muntu mu Rwanda wakora ibyo afande Kagame atifuzaga. Birazwi kuva mu myaka 21 ishize. Si ubu rero batubwirira ngo abaturage basabye ibi cyangwa biriya.

Tuzabirwanya uko dushoboye kose kandi amahanga nayo arabizi ko ari uburiganya bwo kugundira ubutegetsi ariko ntibizamuhira.

Ese niba byanze bikaba ku gitugu cy'ishyamba riri ku butegetsi murabona ingaruka zizagera ku banyarwanda no ku gihugu cyose muri rusange ari izihe?

Ingaruka nazivuze haruguru : Ni ipfunwe rikomeye ku muntu

wese utishimiye ubutegetsi buriraho ubu cyangwa uwifuzaga kuyobora igihugu. Kuri abo bese rero, Kagame na FPR bazaba baberetse ko nta yandi mahitamo basigaranye uretse gufata intwari cyangwa gukora coup d'Etat. None se Kagame ayobowe uko byagenze ubwo impunzi zo muri 59 zasabaga gutaha mu Rwanda ubutegetsi bwa MRND bakababwirira ko u Rwanda ari ruto? Ntibafashe intwari se bagatera u Rwanda kandi ibyavuyemo ntubizi twese? Ngo na nyina w'undi abyara umuhungu usibye ko ubu n'abakobwa batabara. Kagame rero narinde abanyarwanda ayo mahano yo kudusubiza mu ntambara, ave ku buyobozi ku neza, atange urugero rwiza. Abanyarwanda bazabimushimira.

Inama mugira Perezida Kagame ni izihe ko mwe mutemewe no kugirana nawe imishyikirano? Mufite imbaraga zigarukira he kuburyo abanyarwanda bakwizera ko ibikorwa byanyu haricyo byahindurira ku bibazo bafite?

Inama twagira Perezida Kagame ni uko yatekereza ku mateka y'u Rwanda, akibuka ko tuvuye kure kandi ko urugendo dufite ari rurururu. Ntabwo twazirika ejo hazaza h'u Rwanda ku muntu umwe rukumbi cyangwa ishyamba rimwe nk'uko bimeza guhera kuva u Rwanda rwabaho. Dukeneye u Rwanda rutekanywe, aho abaturaye biyunze by'ukuri. Dukeneye igihugu kigendera mu mucyo, abayobozi n'abayoborwa bakanywa amuturi w'ukuri n'ubwo usharira ariko urakiza. Gusasa inzobe nibyo bizavamo ubwiyunge naho Ndi Umunyarwanda ni ubuhendabana.

Natekereze urubyaro rwe, atekereze abamubanjirije uko bavuyeho, arebe ko yasiga amateka mazima aho gusiga ibara. Amazi ntararenga inkombe, birashoboka.

Ubu FPR twayigereranya n'ubwato butwawe n'umuntu unaniwe kandi ubwo bwato burimo imiryango y'abanyarwanda n'abana be ubwe. Ubwo bwato bugenda bugana ikibuye kinini twita Iceberg kandi nibukigongaga buzashwanyuka abarimo bashire. PDP-Imanzi rero irasaba abari hafi y'uwo commanda (shoferi) w'ubwato bese kumukangura, bakamwerekana ibibi biri imbere nakomeza, maze abari mu bwato bese bakishakamo uyobora ubwato kugirango baberereke cya kibuye. Ikibabaje rero ni uko abitwaga ko bamugirana Inama nka ba Antoine Mugesera, Joseph Karemera na Tito Rutaremara, bamunzwe no kubeshya no kuba ba mpemuke ndamuke. Inda zabo nizo basimbuje ejo hazaza h'u Rwanda kandi amateka azabibabaza.

PDP-IMANZI yiteguye gutanga umuganda wayo byaba ngombwa ikanafata ubwato. Perezida Kagame abikoze gutyo yakiza abe agakiza n'abanyarwanda. N'atabikora akagundira ubutegetsi nk'uko bigaragara ubu, azasiga ibara i Rwanda.

Muragira muti mufite mbaraga ki ngo Abanyarwanda bizere ko ibikorwa byanyu bizahindurira ibibazo bafite?

Ugize neza kumbaza iki kibazo. Uremeza ko ibibazo babifite koko. Ni byiza kuko hari abashakira kubemeza ko batabifite, ko byose Kagame na FPR babikemuye. Ariko ni mu gihe iyo umuntu agereranywa na Yezu. Abaturage ni ba basekambabaye, ariko iyo ubegereye, ukabaganiririza, bumva batakiri bonyine, baruhuka nibura ku mitima. Erega ngo ugira amahirwe agira uwo abwira! Nabyo ni byiza cyane kuri bo.

Kubereye imbaraga, usibye abazanywe intwari bakaba bakinazikangisha, twe twemeza ko imbaraga za mbere ari abaturage. Igihe cyose abaturage baturu inyuma, tuzatsinda ntakubaza.

Harakabaho ubwisanzure, ubutabera n'ubufatanye mu Rwanda

MUNYAMPETA Jean-Damascène

Umunyamabanga mukuru w'Ishyamba PDP IMANZI

Email :pdp.imanzi@gmail.com

Guca kuri iri hame, ni ugufungura umuryango uzatujyana mu kuzimu

Organisation Umwana nk'abandi ONG ikomeje kwagura amarembo no mu Ntara y'Amagepfo



Ushinzwe imibereho myiza agira inama ababyeyi bafite abana babana n'ubumuga. (Photo/ Umurabyo)



Umunyambanga Nshingwa bikorwa, Ndorimana Jean Chrysostome atangiza kumugaragaro uwo muhango. (Photo/ Umurabyo)

Ni kuwa 16 Kamena 2015 mu karere ka Nyamagabe Umurenge wa Cyanika mu kagari ka Karama, habereye umuhango wo gutangiza ku mugaragaro ONG Umwana nk'abandi, ishami ryayo rishya, uzajya wita ku bana bafite ubumuga bwo mu mutwe kugirango bahabwe ubuvuzi bw'ibanze.

Uwo muhango wabimburiwe n'igikorwa cyo gupima abana bafite ubumuga butandukanye (consultation) bari baturutse mu murenge wa Cyanika, hanatangwa n'ubuvuzi bw'ubugororangingo (Kinesytherapie) ku bana batabasha kugenda.

Nyuma y'icyo gikorwa hakurikiyeho gutanga inyigisho ku ndwara y'igicuri ikunda kwibasira abana cyane, ariko ngo iyo umwana afashe imiti ataragera ku myaka 5, ngo ni indwara ivurwa igakira.

Ibyo ni ibyavuzwe na Dr Mutungirehe Sylvestre aho yagaragaje ko, ku isi abantu barwaye igicuri babarirwa muri miliyoni 50, ubushakashatsi bwakorewe mu bihugu byinshi biri mu nzira y'amajyambere bugaragaza ko mu bantu 1000, abagera ku icumi baba barwaye igicuri.

Indwara y'igicuri ngo irimo amoko 2, aho umubiri wose ufatwa, kubundi bwoko bw'igicuri, hafatwa igice kimwe cyangwa ibice bimwe by'umubiri. Abantu benshi bakunda kumenya igicuri gifata umuntu akagagara, akanasambagurika, abana bari muni y'imyaka 5 bakunda gufatwa n'igicuri gifata igice kimwe cy'umubiri, kigaragazwa no kugagara no gusambagurika bakagira n'umuriro mwinshi.

Dr Mutungirehe yakomeje avuga ko igicuri giterwa ni ukwangirika k'ubwonko, kuba mbere yo kuvuka cyangwa mu gihe cyo kuvuka (kubura umwuka, gukomereka umutwe mu gihe cyo kuvuka, kuvuka umwana adashyitse). Uburwayi bwo mu mubiri nabwo bugira ingaruka ku bwonko nka mugiga, malariya yigikatu, ibibyimba byo mu bwonko n'ibihumanya umubiri (Monoxyde de carbone).

Igicuri kiravurwa hakoreshejwe imiti ku kigero cya 70% kigakira imiti yacyo ifatwa igihe kirekire, ku isi abantu barwaye igicuri babarirwa muri miliyoni 50 biganje cyane cyane mu bana, ingimbi n'abageze mu zabukuru, igicuri ni indwara itandura.

Haanatanze inyigisho k'uruhare rw'indwara z'uruherekane (Genetic causes) Janvier Hitayezu yavuze ko ubumuga bwo mu mutwe ari ibibazo bibaho kuva umuntu agisamwa kugeza ku myaka 18 bigatuma agira ubwenge buri muni y'ubw'abandi; ntabashe gukora, kwiga, kumenyera ibyo abandi bashobora ku rugero rumwe n'urwabo, usanga ubwonko buba butarakuze cyangwa budakora bihagije. Umubare munini w'abarwayi; 1% bakenera ubufasha buhoraho.

Ubumuga bwo mu mutwe ubusanga mu byicyiro 4; hari ubumuga bworoheje aho usanga umuntu ashoboye iby'ibanze mu buzima nko kurya, koga, guteka, gutega ibinyabiziga rusange. Uwo kandi ngo avuga atinze hagati y'imyaka 3 - 5, ikibazo kigaragara iyo agiye kwiga, kwandika, gusoma biramugora, ashobora kwiga amashuri abanza, ashobora gutsindira uruhushya rwo gutwara imodoka.



Umuganga w'i Ndera Dr Mutungirehe Sylvestre. (Photo/ Umurabyo)



Umwana nkabandi Masho Crew. (Photo/ Umurabyo)

Organisation Umwana nk'abandi ONG ikomeje kwagura amarembo no mu Ntara y'Amagepfo

Naho ubumuga buringaniye umubyeyi abibona umwana yatinze kuvuga adashobora kwikorera isuku, uwo mwana biramugora kurenga mu mwaka wa 2 w'amashuri abanza, usanga ashoboye kubara, kwandika ariko biruhanyije. Akora imirimo afite abamureberera, kwigishwa imyuga byamufasha, agorwa n'imyitwarire mu bandi(ubugimbi)

Ubumuga bukomeye umwana ashobora kubasha kuvuga cyangwa ntashobore mu bwana, batinda kugenda, abasha kwikorera wenyine, akuzze agira ubwenge nk'ubw'umwana ufite imyaka 3-5. Twagera ku bumuga bukabije ubwonko n'ingingo ntibiba bikora neza, ntibabasha kuva aho bari, ntibavuga, hari n'abatanumva.

Akenshi usanga kuvuka ku babyeyi bafitanye isano, ubukene bukabije, kutabona indyo ihagije utaravuka, kutabona umwuka uhagije mbere cyangwa mu gihe cyo kuvuka, kuvukana ibiro bidashyitse, kutavukira kwa muganga, ubujiji bw'ababyeyi, kubyarwa n'umugore ukuze cyane byongerera ibyago byo kugira ubumuga bwo mu mutwe.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe bagomba kwitabwaho bihagije, ntibabafungirane, ntibabanene, ntibabakubite, kubavuzza, kubagorora no kubajyana mu bigo byabugenewe.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa



Dr. Mwisera Elysee Kinestherapist.
(Photo/ Umurabyo)



Perezidante wa ONG Umwana nk'abandi (uri hagati) Mukakarangwa Berthilde. (Photo/ Umurabyo)



Umunyambanga Nshingwa bikorwa, Ndorimana Jean Chrysostome asabana n'abana bafite ubumuga bwo mu mutwe. (Photo/ Umurabyo)



Ababyeyi bari bazanye abana babo kubasuzimisha. (Photo/ Umurabyo)

w'Umurenge wa Cyanika

.....yavuze ko ONG Umwana nk'abandi Umuryango utegamiye kuri Leta icyo ugamiye ari ukugirango abana bafite ubumuga bwo mu mutwe nabo bitabwaho nk'abandi. Akomeza avuga ko ubuvugizi bwatangiyeye gukorwa kugirango umwana ufite ubumuga afatwe nk'undi mwana uwo ariwe wese, akaba ari nayo mpamvu icyo gikorwa bagihuje n'Umwami w'umwana w'umunyafurika wizihizwa tariki ya 16 Kamena buri mwaka. yishimiye ko buri mwana yabonye umuganga akamusuzuma

Yifuje ko nibura rimwe mu kwezi ababyeyi b'abo bana bajya babazana bakabaturiza hamwe maze bagahabwa ubuvuzi bw'ibanze ibyo bikazabafasha kwiteza imbere kuko bazajya babona umwana wo kuganira ku bibazo bahuriyeho bakareba n'uburyo byakemuka.

Perezidante wa ONG Umwana nk'abandi Muka.....yavuze ko abanyamuryango bagize icyo ONG ari abantu basheshe akanguhe akaba ariyo mpamvu badashaka gupfa badasize umurage ku bakiri bato. Aragira ati: "kugira umwana nk'uko bituma ukora ibyaha byinshi kandi atari we wabyiteye, hari umubyeyi wabuze umwana niba umubonye gutyo mufate nk'undi"

Pere.....yashishikariye ababyeyi kwitabira bagatsinda rya pfunwe bwa bugome abanyarwanda bahorana bwo guhisha umwana ufite ubumuga bu gikari. Ibyo bikorwa byose ngo ni muri gahunda yo guhashya ubukene u Rwanda rwihaye mu cyerecyezo 2020.

Intumwa ya Minisiteri y'ubuzima Joel Serucaca yatangariye itangamakuru ko ibikorwa byita ku buzima bw'abana bafite ubumuga babishyizemo imbaraga nyinshi kandi bakomeza kubikurikirana, ngo kuba baremeye ko bimanuka bikagera mu Majyepfo ngo ni uko byari bisanzwe bikorera ahandi mu gihugu kandi bakora igenzura bagasanga bikora neza.

Yakomeje avuga ko babishyigikiye kandi bazakomeza kubikurikirana kuko icyizere cy'uko bizaramba, ngo icyo MINISANTE yifuza ni uko ubuvuzi bw'ibanze bwagera ku baturage buri kagari na buri mudugudu ukagira ivuriro. Ngo ikindi bifuriza abana bafite ubumuga bwo mu mutwe ni ukugira ubwisungane mu kwivuzza bagahabwa ubuvuzi bw'ibanze uhereye ku bajyanama b'ubuzima. Minisiteri y'ubuzima ngo ifite abaganga babihuguriye yiteguye gutanga inkunga aho zikenewe hose kandi igakomeza no gukora ubuvugizi.

NkusiUwimana Agnes

“Impamvu imwe abantu bakoresha bavuga ko batazava ku butegetsi, jye niyo nkoresha kuvuga ko nzabuvaho” - Paul Kagame

PDP-Imanzi iti “Umugabo ni utava ku ijamba”

Nyuma yo kumva ibyonyabanyarwanda hirya no hino bavugaga ntawatanyanya kuvugako itegeko nshinga ryarangijye guhinduka kuko aho unyuzeho hose usanga intero ari <ingingo 101> kariyo ibangamye, ibyonyo kandi byashimangiye namwe mu mashyaka akomeye mu Rwanda aho abanyarwanda benshi bari bategereje aho ayo mashyaka ahagaze ku ingingo 101.

Mu rwego rwo kumenya icyo amashyaka atavugaga rumwe na Leta y'u Rwanda avugaga ku birebana no guhindura Itegeko Nshinga bimaze iminsi bishyuhije imitwe abanyarwanda benshi, twegerereye bamwe mu barwanashyaka b'Ishyamba PDP IMANZI ryavukiye hanze y'u Rwanda ritaremerwa gukorera ku butaka bw'u Rwanda, badutangariza ko batazemera ko Itegeko Nshinga rikorwaho.

Tuributsa abasomyi bacu ko PDP-IMANZI yageze mu Rwanda kuwa 20 Kamena 2013, ije kwaka uburenganzira bwo gukoresha Kongere yayo ya mbere. Nyuma yo kubona uruhushya rwo gukoresha iyo Kongere rwatanze n'Akarere ka Gasabo kuwa 29/10/2013, Umuyobozi w'icyo gihe w'Akarere ka Gasabo Bwana Willy Kansime yahagaritse urwo ruhushya hasigaye iminsi ibiri gusa ngo Kongere ibe, agendeye ku rubanza rwa Mushayidi Déogratias washinze iri shyamba. PDP-IMANZI yiyambaje minisiteri ibishinzwe nk'uko amategeko abiteganyaga ariko biba iby'ubusa. Kugeza ubu rero, ishamba PDP-Imanzi rikaba ritaremerwa ariko abarihagarariye bakomeje kwizera ko bazabigeraho.

Reka tubagezeho uko twaganiriye.

Ndizihwe Jacques ni Umunyamabanga ushinze urubiruko muri PDP-

IMANZI, atuye mu Karere ka Gasabo Umurenge wa Gasanze, aravugaga ko Itegeko Nshinga ritagomba gukorwaho, gusa ngo aranenga Mandat y'imyaka myinshi bagenera Perezida wa Repubulika ngo yarikiyeye kugabanuka ikagera ku myaka ine (4) ariko umubare wa manda ntukorwaho.

Arakomeza agira ati: “Itegeko Nshinga ni Kagame warishyizeho n'iriya ngingo y'101 nayo yayishyizemo ayizi kugirango ayitege abanyarwanda; Itegeko Nshinga si igitabo cy'e ahindura uko yishakiye. Umutungurage ntamenya gutandukanya urubanza n'Inteko Nshingamategeko, kuko iyo umutungurage umubajije arakubwira ngo yagiye mu rubanza gusaba ko Ingingo y'101 ihinduka; ibyonyo bigaragaza ko abaturage batazi ibyonyo bakora, n'Itegeko Nshinga ntabwo barizi neza, yewe n'ingingo igomba guhinduka ntibazi n'ibiyikubiyemo. Bityo rero gufata umutungurage ukamusinyisha atazi ibyonyo asinyira nta gaciro biba bifite”.

Kagame koko yarakoze ntawamugaya kubyo yakozeho. Kuba amaze imyaka 14 ayobora ni ukuvuga Mandat 2, yaba aruhutse, akicara akaba umujyanama, akazajya agira inama uzamusimbura. Kwirirwa bavugaga ngo ni igitangaza, ni Imana, bamugereranya na nde ko nta ba Perezida babiri baba mu gihugu kimwe? Abaturage nibareke kunaniza Kagame arananiwe.

Aba Perezida bo muri Afurika iyo urambye ku buyobozi abaturage barakwanga. Nta mpamvu yo guhora utera indirimbo imwe, igihe kiragera bakaguharurukwa; ruswa ikiyongera mu gihugu kuko iyo bamaze kukumenyera bikorera ibyonyo bishakiye. Bimwe byaratangiye hano mu Rwanda: ubusumbane mu mishahara, gutoneshwa mu kazi, itotezwa ry'abantu batavugaga rumwe na Leta n'ibindi.

Ndizihwe yanzura avugaga ko afatanyije na bagenzi be;



Umuvugizi wa PDP Imanzi Jean Marie Vianney Kayumba. (Photo/Courtesy)

abarwanashyaka b'Ishyamba PDP IMANZI bazakomeza gukorera hamwe n'andi mashyaka atavugaga rumwe na Leta, ni ukuvugaga adakorera mu kwaha kwa Leta, bagakomeza gutambutsa ibiganiro bitandukanye mu bitangamakuru no gukangurira abanyarwanda kurwanya igitugu.

Twavuganye kandi na Harerimana Aloys utuye mu Karere ka Rubavu umurenge wa Rugerero, atubwirako guhindura Itegeko Nshinga atabyemera ngo impamvu ni amwe mu mayeri abanyapolitiki bari gukoresha, abaturage badashobora kuvumbura, ariko abantu bize bari mu gihugu babona ingaruka bizateza bagaceceka kuko nta ruvugiro bafite. Abari hanze bo baravugaga kuko bafite ubwisanzure, kuko uwo babwirako batarebana mu maso.

Harakoreshwa igitugu mu guhindura Itegeko Nshinga; niba kuwa Kagame yajya ku butegetsi yari Visi Peresida, yongeraho kuba Perezida ariko mu by'ukuri yahoze ariwe utegeka nk'uko byagaragaraga.

Iyo habaye coup d'état Visi Perezida asimburaga Perezida ugasanga bwa buyobozi buhora ari bumwe. Perezida Kagame ubwe yarivugiyeho ati: “mujye mutega amatwi ababanenga ntimugatege amatwi ababashima”. Abo bamushima bari bakwiye kujyana nawe hakajyaho abandi no mu kibuga cy'umupira abakinnyi barasimburana. Abahanga ni benshi nta mukinnyi ukina iminota 90 yose ngo ishira.

Kagame nahabwa Mandat ya 3 ku ngufu abazamurwanya bazaba bafite impamvu nyinshi zigaragara harimo no kugundira ubutegetsi. Ibiri kubera i Burundi birasa cyane n'iby'u Rwanda ni uko abanyarwanda batinya kujya mu muhandu. Nk'uko imbyino Habyarimana yateraga yari MRND abantu bose bakayikiriza, niko n'iya Kagame ari FPR umuryango w'abanyarwanda kandi bemera ko mu Rwanda hari amashyaka menshi.

Kagame nta Mandat ya 3 ashaka uretse ko afite abajyanama babi, azi neza ko hari abandi benshi bakeneye ubuyobozi, avuyeho neza yazapfana ishema kuko yaba

abayeho intwari. Ubwenge bwo ntaturusha abandi, icyo abarusha ni amayeri. Nategereza ko bamukuraho nabi azaseba. Ku ngoma abirur barasimburana ariko ingoma igahoraho, yasaza bakongera bakayisana. Umwiru umwe ntabwo ariko, ahubwo arasaza akayisiga.

Narekure ingoma abayishaka ni benshi, ingoma ntigabanwa, irasimburanyaho. Niyihangane kuko aho ijishye imbeba zatangiye kuyirya. Niba abo bafatanyije urugamba rwo kubohora igihugu baramuhunze barimo n'inkoramutima ze, harimo n'abari muri iki gihugu biyemeje gufatanyana nawe nka Bem Habyarimana, Twagiramungu n'abandi, biragaragaza ko igihe kigeze ngo yumve ibyonyo nabo bamunenga.

Abanyarwanda bagendana agahinda barashavuye, bafite induru mu mutima, baritabaza kandi batakwitabara. Abamushima niba bake abenshi bamugayira mu mutima, muri miliyoni 12 ziri mu gihugu, wasanga miliyoni 7 zimugaya zicacetse. Aka ya ndirimbo ya Byumvuhore ivugaga ngo: “Kayigema wareka nkagutuma mu Rwanda ko harimo izicisha make zitabishaka, hari n'izirisha mu rwuri rw'izindi, harimo n'izirebana izindi agahinda”. Harerimana yasoje avugaga ko Perezida wigira inama yo kuva ku butegetsi akoze imyaka 5 cyangwa 10 aba yarashyizeho n'Imana. Arifuriza Kagame ko yavaho atyo nawe.

Kwihangana Innocent atuye mu Karere Nyamagabe Umurenge wa Mushubi we yadutangariye ko guhindura Itegeko Nshinga birimo urujijo, ngo ntabwo biri gusabwa na Perezida Paul Kagame ahubwo biri gukorwa n'abayobozi bafite izindi nyungu zihishe mu rwego runaka, bityo bikamwitirirwa.

Kagame nta Mandat ya 3 ashaka uretse ko afite abajyanama babi, azi neza ko hari abandi benshi bakeneye ubuyobozi, avuyeho neza yazapfana ishema kuko yaba abayeho intwari

PDP-Imanzi iti "Umugabo ni utava ku ijamba"

Ibikurikira urup.10

Impapuro zizenguruka mu baturage ngo bazisinye n'izateguwe n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze. Ushingiyiye ku magambo Perezida yivugira ngo Itegeko Nshinga ntiryakagombye guhinduka cyane ko nawe igihe kigeze cyo gusanga umuryango we akajya kuwitaho.

Amagambo Perezida avuga atandukanye n'inyandiko z'ubusabe. Hari abihishe inyuma y'Ishyamba rya FPR INKOTANYI ku bw'inyungu zabo. Harasabwa ubushishozi kugirango Itegeko Nshinga rigumane ireme ingingo y'101 ntihindurwe.

Mu bihugu by'Afurika bakunda kugundira ubutegetsi, nta handi ku isi hagaragara Mandat z'imyaka 7. Muri Afurika Perezida yumva ko azavaho aruko ubuzima bwe burangiye. Muri Zimbabwe Perezida Robert Mugabe usanga asinzirira mu ntebe yicaye mu nama, mu rwego rwo gushaka kugumana icyubahiro no kugundira ubutegetsi binyuranye n'uko Perezida Kagame yemera ko u Rwanda rurimo abandi bashobora kuruyobora.

Ingaruka zagera ku banyarwanda ni ukwigumura ku bayobozi kubera ko ubuyobozi budahinduka kandi hari hakenewe amaraso mashya mu bayobozi. Abasinya bari kubikora kubera igitutu cy'abayobozi bari kubashyiraho. Kagame atanze umwanya hakayobora undi birashoboka ko ingaruka zaba nziza kurenza izirihho cyane ko yaje yuzuzwa ibyo yasanze n'ubwo hashyizweho iterambere ryihuta. Hashobora kujyaho Perezida udashoboye abaturage batora Referandumu imuvanaho cyangwa Inteko ikamuvanaho. Si ngombwa ko hakongerwa kuba intambara imena amaraso ngo inzirikarengane zihatikirire.

Twaganiriyeye kandi n'umutegarugori Murererimana Dancille utuye mu karere ka Muhanga Umurenge wa Musambira nawe atubwira yeruye ko adashyigikiye ko Itegeko Nshinga rihinduka kugirango Perezida Kagame yiyongeze indi Mandat. Yafashe Mandat zose zirarangira bibaye ngombwa y'uko yumva ko yaguma ku butegetsi, byaba bibaye nko kwikanyiza ubutegetsi, impande zose ntabwo ariko zibyemera yakagombye kurekura n'abandi bakayobora.

Ubutegetsi bwose bufitwe na

FPR INKOTANYI, bakagombye guha n'andi mashyaka umwanya bakayobora. Andi mashyaka usanga afite imyanya mike, FPR yarikubiye ibintu byose. Ese ni biba ngombwa ko abanyarwanda batagikeneye gutora Kagame kandi Itegeko Nshinga barangije kurihindura n'ingingo y'101 yarangije guhindurwa nti hazavuka ikibazo?

Ibyo yakoze ni byiza bwose baramushima ariko naruhuke n'abandi bayobore. Nko mu bice by'icyaro umuturage ashobora kubirenganiramo kuko usanga abahagarariye FPR mu tugari aribo bari inyuma y'icyo gikorwa cyo gusinyisha abaturage ku ngufu. Usanga utari muri FPR arahutazwa iyo amanama yabaye kandi abantu bwose ntabwo bari muri FPR. Ugasanga umwarimu baramwaka amafaranga 1000 ku mushahara asanganywe w'intica ntikize buri kwezi ngo ni ayo umuryango FPR kandi uwo umwarimu ataba muri iryo shyamba, afite ishyamba rye abamo yemera atangamo umusanzu; hakaba n'umwarimu utagira ishyamba abamo utemera n'ibyabo ariko akakwa imisanzu. Abo bwose ntabwo bashyirahwe nyamara ubu barasinye.

Kagame siwe kamara, usibye ikibazo cya Jenocide cyabaye mu Rwanda, u Rwanda rwari rusanze rufite abayobozi. Ibyo yagejeje ku banyarwanda ntagomba kubigira urwitwazo kuko n'ubundi bari kuzabigeraho. Uwajyaho wese yakomerezaho, agakora wenda n'ibindi byiza biruta ibyo Kagame yakoze.

Ingaruka zizabaho ingingo ya 101 nihindurwa ni uko hazabaho impande ebyiri zitumvikana, zihanganyeye; hashobora kuvuka n'imirwano,

Ubutegetsi
bwose bufitwe
na FPR
INKOTANYI,
bakagombye guha
n'andi mashyaka
umwanya
bakayobora

bamwe bakifunga iby'abandi, ugasanga har'ibintu bimwe utazahabwaho uburenganzira. Ubu iyo utanze umusanzu wa FPR baguha recu nk'iyi batangaga muri MRND (umusanzu wa Muvoma). Iyo ugiye mu buyobozi gusaba icyangombwa cyo kubaka bakubaza niba waratanze umusanzu wa FPR.

Perezida Kagame hari ibice yitaho n'ibindi yibagiye aho usanga umwarimu agenerwa ibiceri 59 by'urugendo ku muni amafaranga atakwishyura n'igare nyamara umuganga akazamurirwa umushahara buri mwaka n'izindi nzego ziri hafi ye zimwegereye.

Kuba abarimu barasinyishijwe ku ngufu ngo ni amaburakindi. Bose aho bari ngo baritotomba bavugaga ko n'ubundi ngo bapfuye kera. Ngo bazakomeza kubyamagana bakoresheje itangazamakuru, bafatanye n'abaturage babashyigikiye bakomeze basenyere umugozo umwe.

Uhagarariye PDP IMANZI mu Rwanda Kayumba JMV nawe ntiyemera ko Itegeko Nshinga rihinduka kubera ko rijya kujyaho ryizweho bihagije n'ibyiciro by'abanyarwanda batandukanye haba ababa mu gihugu imbere ndetse n'abo muri Diyasipora. Inzitwazo zose zatekerejweho kandi zihabwa ibisubizo bihamye mbere y'uko ritorwa. Abaturage barakoresheje ku ngufu bakabikora batabyemera mu rwego rwo kwirengera babikoresheje n'abayobozi ba FPR mu nyungu zabo.

Nk'iyi urebye abarimu n'abagororwa, niba bafite ibibazo by'ingutu ariko ugasanga bivugwa ko aribo banditse basaba ko Itegeko Nshinga rihinduka. Hari benshi cyane bashobora kuyobora u Rwanda iki nicyo gihe cyo kugirango abanyarwanda batoranye umwe muri abo ayobore muri iki gihe.

Harabitwaza ko ngo Perezida Kagame agishoboye, niba anagishoboye ntabwo abanyarwanda bagomba gutegereza ko ananirwa kuko no mu bindi bihugu ntibava ku buyobozi ari uko bananiwe. Iyo umuragwa w'ingoma (uwavukanye imbuto) yabaga amaze gukura umwami akiriho, mu ibanga ry'abirur



Munampeta Jean Damascene umunamabanga mukuru wa PDP Imanzi. (Photo/Courtesy)

baramunyeshaga. Uwo mucu ufatanye isano na za coup d'état zigenda zikorwa hirya no hino. Iyo umuyobozi atinze ku buyobozi baramwica cyangwa agahungu hakajyaho undi. Abanyarwanda bubakiye ku mateka ntabwo bagikeneye ko hameneka amaraso kugirango ubutegetsi buhinduke.

Harabavugaga ko yakoze ibitangaza. Kera mu mateka y'u Rwanda iyo umuntu yakoraga ibitangaza ku rugamba yacanaga uruti (gusezera agasigara ari umujyishwanama). Niba Kagame yarabaye intwari akwiye nawe gucana uruti.

Kagame nahabwa indi Mandat hazaboneka abantu benshi bigomeka ku butegetsi. Ubu bigaragara ko nta bwisanzure bwa politiki buhari mu Rwanda, bizaguma gutyo. Kubera ko abanyarwanda babikoresheje iterabwoba ariko babona ukuri, bizaba aka ya nyamaswa birukaho cyane bikayimara ubwoba. Ibyo rero bizakurura intambara, ubuhunzi, ubwihebe n'ibindi.

Mu gihe Perezida Kagame yaba agumye ku butegetsi, abanyarwanda baba bagendera ku bitekerezo by'umuntu umwe gusa, abandi bakwivumbura kuko nta ruvugiro.

Nk'uko byakunze kuvugwa ko u Rwanda ari intangarugero bitandukanye na henshi ku isi muri rusange, Kagame akwiye kuba intangarugero akaba muri bake barekuye ubutegetsi ku bushake kandi mu mahoro. Bityo amahanga akajya yigira ku Rwanda imiyoborere myiza.

Umuyobozi wa PDP IMANZI mu Rwanda asoza yavuze ko bazakomeza gusaba umuryango mpuzamahanga (Communauté Internationale) kotsa igitutu Leta ya FPR na Kagame kugirango ubwisanzure bwa politiki n'ibiganiro bihuza abanyarwanda bibashe kubaho mu Rwanda kuko ariyo soko y'ubwiyunge n'amajyambere nyakuri. Barifuza impinduka ziciye mu mahoro.

Nkusi-Uwimana Agnes

Abarimu barasaba Umwalimu SACCO ko hari ibyo ikwiye guhindura ku nguzanyo bahabwa

Umuyobozi wa Koperative Umwalimu SACCO ntiyemeranya n'abarimu bavuga ko bahabwa inguzanyo bibagoye ndetse n'inyungu bakwa zikaba zihanitse.

Museruka Joseph avuga ko inyungu abarimu bakwa iri hasi cyane kuko nta kindi kigo gikora nka banki gifite inyungu nto nk'Umwalimu Sacco.

Mu nama rusange y'abanyamuryango ba Koperative Umwalimu SACCO yahuje abarimu bahagarariye abandi ku rwego rw'imirenge, abarimu bakomeje kugaragaza ko iyi koperative hari ibyo ikwiriye guhindura mu nyungu za mwarimu mu rwego rwo kumufasha kwiteza imbere.

Bavuze ko nubwo bahabwa inguzanyo ibafasha gushora imari mu mishinga ibabyarira inyungu, babangamirwa n'uburyo inyungu iri hejuru aho igerera kuri 14%. Kuri bo iyi ikaba imbogamizi ikomeye mu iterambere ryabo bakaba basaba ko iyi nyungu yagabanywa.

Mu gusubiza iki kibazo, umuyobozi wa Koperative Umwalimu SACCO, Museruka Joseph, yasobanuye ko iyi nyungu itari hejuru ugereranyije n'isabwa n'ayandi mabanki, ndetse we akemeza ko bisa n'aho inyungu ari ntayo kuko uwishyura menshi yishyura 1 % gusa.

Museruka yagize ati "Ntabwo abarimu bose bishyura ayo 14% y'inyungu. Umwarimu wigisha muri Leta yishyura 11% abishyura 14% ni abarimu bo mu bigo byigenga, n'abandi banyamuryango batari abarimu. Kuko turabafite.

Impamvu abo muri Leta bishyura make ni uko Leta yashyizemo amafaranga agera kuri miriyoni 50 mu rwego rwo korohereza abarimu bigisha mu bigo bya Leta kubona inguzanyo biboroheye kuko banahembwa make.

Kuri ibi hiyongeraho ko kugira ngo banki igene uburyo inyungu ku nguzanyo yishyurwa harebwa ibintu byinshi: uko ifaranga rihagaze, ubushobozi mu mafaranga banki ifite, kuko agomba kunguka kugira ngo tubone ayo tuzakomeza gukoresha na banki igakomeza kubaho, n'ibindi.

Iyo ibyo byose ubirebye, ukabara inyungu abarimu bishyura usanga uwo uvuga ko yishyura 14%, inyungu ku nguzanyo itarengeje 1%. Urumva ko nta handi biba.

Ubu bakaba bakomeje guhugura no kwigisha abarimu uburyo bwo kwiga imishinga kugira ngo babafashe kubaka ubushobozi bwo gushora imari kugira ngo barusheho kwiteza imbere



Museruka Joseph Perezida w'inama y'ubutegetsi. (Photo/ Umurabyo)

Rero ntiwavugaga ngo noneho nitumanure bajye bishyura make maze tubishyire kuri 0%, ntibyashoboka kuko ntibibaho ku bigo bikora nka banki. Kandi na none ntidufite ubushobozi bwo gukuraho ibituma tubishyura inyungu, na byo ntibyadukundira."

Museruka kandi yanihanangirije abarimu basaba inguzanyo zo kubaka aho kwaka inguzanyo zo gushora mu mishinga ibabyarira inyungu. Yabagarariye ko bagomba kubanza kubaka ubushobozi bakiteza imbere kugira ngo babone uko bazajya biyubakira inzu bifuzwa.

Koperative Umwalimu Sacco ifite konti z'abanyamuryango zigera 75.000 mu gihe iz'abarimu ari 63.000. Ubushakashatsi bwakozwe n'iyi koperative bukaba bwaragaragaje ko imaze gutanga inguzanyo ku barimu bagera ku 18.000, muri bo 90% by'imishinga bafatiye inguzanyo ikaba yarageze ku ntego, naho 6% igapfa.

Ubu bakaba bakomeje guhugura no kwigisha abarimu uburyo bwo kwiga imishinga kugira ngo babafashe kubaka ubushobozi bwo gushora imari kugira ngo barusheho kwiteza imbere.

- Agnes Nkusi Uwimana

IBICIRO BYO KWAMAMAZA

HARIMO AMABARA

* Urupapuro rwose :	600.000 Frw
* 1/2 cy'Urupapuro :	400.000 Frw
* 1/4 cy'Urupapuro :	200.000 Frw

HATARIMO AMABARA

* Urupapuro rwose :	400.000 Frw
* 1/2 cy'Urupapuro :	250.000 Frw
* 1/4 cy'Urupapuro :	150.000 Frw

Bwiza Connie mu mazi abira

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahagarara.

Niba koko ibiherutse gutangazwa n'umunyamabanga mukuru wa RPF-Inkotanyi, Francois Ngarambe, ko Bwiza yakoze amakosa n'umugabo we, yo kujya gusaba ubuhungiro muri US, yitwaje gusebya RPF n'umuryango wa Perezida Kagame bishobora kutamugwa amahroro.

Sekamana Bwiza Connie uherutse kwegura ku mwanya w'Ubudepite, arashinjwa guharabika RPF-Inkotanyi n'Umuryango wa Perezida Kagame ubwo yasabaga VISA muri Amerika".

Ariko Ngarambe ntiyasobanuye uburyo Bwiza Connie yasebejemo umuryango w'umukuru w'igihugu.

Ku rundi ruhande ariko, Ngarambe yashimangiye ko ubwo Bwiza yasabaga ubuhungiro, yavuze ko "umugabo we yazize ko yarwanyije ubujura bwakozwe mu matora ya 2010.

Ngarambe, na Perezida Kagame, banenze ikinyamakuru cyanditse ko Bwiza mu bindi byatumye yegura, harimo ko yarwanyaga igitekerezo cyo gusaba ivugurura ry'itegeko nshinga.

Ngarambe yavuze ko ubu Connie agiye gufatwa nk'umuntu wazize ibitekerezo bye, ko yanditse avuga ko yeguye ku mpamvu ze bwite ariko ukuri ni amakosa yakoranye n'umugabo we.

Madame Bwiza Connie yari amaze imyaka 15 mu nteko ishingira amategeko y'u Rwanda ahagarariye RPF-Inkotanyi.

Ibaruwa yo kwegura kwe yayanditse kuwa 4 Kamena 2015.

Perezida Kagame utemera ko hari umuntu wegura ku mpamvu ze bwite, yavuze ko bitagakiye kuba ko Bwiza yaranditse avuga ko yeguye ku bushake bwe, ngo kuko iyo avuze atyo ko yeguye ku mpamvu ze bwite atuma abantu batekereza ko azize politiki.

Umukuru w'igihugu yakomeje avuga ko yahimbye ibyo ajya gusaba VISA, kubera ibyo batumenyereje, yagiye avuga ko ari umuntu uri guhigwa ngo yicwe, ko mu matora FPR yibye amafaranga miliyari 5 umugabo we abimenye baramukurikirana!

Perezida Kagame ati "none dore The East African na yo iranditse ngo nta kindi Bwiza yazize usibye debate ya 2017! Debate ya 2017 ihuriye he n'amakosa yakoze?"

Kuri Perezida Kagame, ngo u Rwanda ni cyo gihugu umuntu ahunga ari umwicanyi yagera hanze akaba intwari, ko Leta yamuhigaga.

Francois Ngarambe na Perezida Kagame bavugiyeye aya magambo i Rusororo mu Karere ka Gasabo, mu gusoza umwiherero w'iminsi ibiri w'abayobozi ba RPF, kuri iki cyumweru.

Perezida Kagame yabwiye imbaga y'abakada ba RPF bagera kuri 600 ba RPF, ko bo nta cyasha bambitswe n'amagambo Bwiza yavuze aya gushaka ubuhungiro.



Bwiza Connie. (Photo/ Net)

Kagame yagize ati, "Ntibibashyirwaho, mwe bakada, mwe se ni mwe mufunga abantu? Ngo ni nyje! Ngo ni Perezida kuko yamurwanyije."

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BAZIRUTWABO Illuminée Raïssa RUSABA GUHINDURA IZINA

Uwitwa BAZIRUTWABO Illuminée Raïssa, ukomoka mu Mudugudu wa Gitumba, Akagali ka Kanyege, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, mu Intara y'Iburengerazuba, ubu akaba abarizwa mu murenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali yasabye uburenganzira bwo guhindurirwa izina rye bwitwaga BAZIRUTWABO akarisimbuza INEZA mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni nyinshi zirimo kuba rimutera ikimwaro kuko ari irigenurano, ku magambo abantu bamubwira igihe avuze izina rye cyangwa hagize urisoma, ko uryumvise wese cyane kubazi se umubyara bamucunaguza bityo akaba abangamiwe cyane naryo. Avuga ko rimaze kumutera kubengwa inshuro nyinshi, avuga kandi ko rimutesha agaciro mu bantu.

Arasaba kwemererwa guhindura iryo zina rya BAZIRUTWABO binyuze mu inzira zemewe n'amategekorigasimburwa na INEZA mu igitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko y'ivuka maze akitwaga INEZA Illuminée Raïssa

ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Niyewe DUSENGE Patrick ntangaje ko uherutse none kuva kuwa 22 Kamena 2015 ntangaje ko kubera impamvu zikurikira:

1. Natangiye kwiga 2001 kugera 2013 muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ngeze mu mwaka wa gatandatu, ubwo niteguraga gukora ikizamini cya Leta, dutangiye kuzaza amafishi ikigo kidusaba yuko twakwandikira amazina atatu (3) kuri ayo mafishi kugirango twemererwe gukora ikizamini cya Leta nkuko amategeko yo muri icyo Gihugu avuga yuko umuntu agomba kugira amazina atatu, bityo nongeraho izina BAHATI ndetse n'impamyabumenyi zisohotse zisohoka hariho ayo mazina atatu ariyo DUSENGE BAHATI Patrick;
2. Bityo, kugirango mbashe gukomeza amashuri yisumbuye (Kaminuza) nkaba nsabwa ko amazina ari ku mpamyabumenyi (diplome) yahura nari ku ndangamuntu y'u Rwanda;
3. Ntangaje ko ntacyongeye kwitwaga DUSENGE Patrick, mpinduye amazina nkaba nitwaga DUSENGE BAHATI Patrick nkuko biteganywa n'ingingo ya 68 y'itegeko n°42/1988 ryo kuwa 27/10/1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano.

Bikorewe i Kigali, kuwa 22/06/2015

Bitangajwe na DUSENGE BAHATI Patrick

P.O.

Hari intambwe yatewe mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore

Mu rwego rwo kugaragaza ibyagezweho n'u Rwanda ku bufatanye bw'inzego zitandukanye ndetse na Sosiyete Civile ku kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, mu nama yahuje imiryango itandukanye mu byashizwe ahabona n'ubushakashatsi bwakozwe nayo bwagaragaje ko hari intambwe ishimishije yatewe mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore, ariko ko hagomba gukomeza gushyirwamo imbaraga.

Uwamariya Jeannette, umukozi wa Care International Rwanda ushinze itangamakuru mu nshingano ze, yatangaje ko bafatanyije n'imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta ndetse bakabifashwamo n'impuguke ngo barebe uko ihohoterwa rihagaze bashingiye ku itangazo rya Kampala Declaration. Akomeza avuga ko binyuze mu bikorwa by'umushinga "Umugore arumvwa", kugeza ubu u Rwanda ruri ku ntera

ishimishije mu kurwanya ihohoterwa, ariko nyuma ya raporo bagaragarijwe yavuye mu bushakashatsi ikaba yaberetse ko hanakwiye kongerwa imbaraga muri komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa hirya no hino mu gihugu, hakabaho Minisiteri irenze imwe mu rwego rwo kubirwanya.

Avuga ko hakwiye n'imbaraga mu buhuzabikorwa bw'ibyakozwe na buri nzego mu kurwanya ihohoterwa. Care isanga hari uruhare yagize mu gushaka icyaca ihohoterwa, kuko mu turere 24 ngo bakorana n'indi miryango, bagahugura abantu nabo bagenda bahugura abandi.

Claude Kabutware, umuyobozi w'umuryango

Mission Hope Rwanda yavuze ko iyo raporo yerekanaga ibyakozwe n'ibitarakorwa mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina nyuma y'itangazo rya Kampala Declaration ryashyizweho n'abakuru b'ibihugu bakibanda ku ngingo zaryo zigera kuri 19.

Kabutware avuga ko mu byagezweho, hashyizweho ibigo birwanya ihohoterwa nka Isange One stop centers, Polisi n'Ingabo nabo bakabishyiramo imbaraga ndetse na Haguruka ikaba hari imbaraga igenda ishikiranamo. Nubwo ariko asobanura ibi, anavugaga ko hari zimwe mu nzitizi zihari nko kuba abafatanyabikorwa bamwe batazi ibikubiye mu itangazo rya Kampala Declaration, kuba rimwe na



MIGEPROF: Minisitiri Oda Gasinzigwa

rimwe uwahohotewe atinda kugezwa kwa muganga bityo ibimenyetso ntibigaragare, kuba amafaranga ashirwa mu kurwanya ihohoterwa akiri make ndetse n'ibigo bishinzwe kurwanya ihohoterwa bikora ari bike,

kuko ibikora neza kugeza ubu ari 2 mu turere twose.

Ingabire Marie Immaculée, umuyobozi wa Transparency Rwanda avuga ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina koko rigihari haba mu mahoteli, resitora mu itangwa ry'akazi n'abana b'abakobwa bacuruzwa mu bindi bihugu, kandi bikaba byarakorwaga abantu basa n'abipfuka mu maso ntibabyiteho, ariko ngo bikaba bigenda bifatirwa ingamba.

Transparency Rwanda nayo ngo ikora ibishoboka ngo ricike, gusa agasanga u Rwanda rukwiye gushyiramo izindi mbaraga nyinshi yifashishije urwego rw'ubugenzacyaha kuko ntabyo rwiyeze ngo birunanire.

Ibihugu 12 byo mu karere k'ibiyaga bigari byasinye amasezerano ya Kampala Declaration ni: u Rwanda, u Burundi, Angola, Kenya, Uganda, Zambiya, Sudan, Afurika y'Epfo, Repubulika ya Santere Afurika, DRC na Tanzaniya.

Mu byagezweho, hashyizweho ibigo birwanya ihohoterwa nka Isange One stop centers, Polisi n'Ingabo nabo bakabishyiramo imbaraga

UAGA RWANDA NETWORK yahuguye abavuzi gakondo 70 bazahugura abandi

Nk'uko twabitangarijwe n'Umuyobozi wa UAGA RWANDA NETWORK Ndamyabera Boniface, hahuguwe abagize Komite Nyobozi n'abahagarariye UAGA mu turere, abo nibo bazamanuka bagakwira mu gihugu hose bahugura abandi.

Intumbero ya UAGA umuryango udaharanira inyungu ngo ni ugusigasira ibihangano by'abavuzi gakondo bigenda bicika akaba ariyo mpamvu bahuguye abasaza n'abakecuru bafite impano y'ubuvuzi gakondo kugirango bagire abo babisigira umuco w'ubuvuzi gakondo utazacika burundu.

Niyo mpamvu higishwa abana bato uko bakwiye kwifata no kumenya uburyo bwo kwakiramo umurwayi, kumenya ingano y'umuti watanga(dose), kvanaho inzitizi zigaragara mu buvuzi gakondo aho usanga bamwe babita abatubuzi, abapfumu n'abarozi. Barifuza ko buri karere kagira stock, buri murenge ukagira Farumasi n'ibindi bikorwa by'ubuvuzi gakondo.

Abahuguwe bibukijwe ko inzego z'ubuvuzi gakondo zirimo ibice bitatu: Phytotherapie umuvuzi gakondo uzwi neza mu gace akoreramo, azwi n'abayobozi n'abaturage ko ashoboye kuvura akoresheje ibidukikije, niryoye shingiro ry'ubuvuzi gakondo bukorera mu gihugu.

Hari Spiritualiste abantu bavura bakoresheje imyuka, harimo abakoresha umwuka w'Imana, hari abakoresha umwuka w'ababyeyi, abantu bapfuye imbaraga zabo zikanga kuva ku isi. Abababyeyi nibo bagereranywa n'abatagatifu.

Hakaza Exorciste umuvuzi gakondo uvura akoresheje amasengesho, Herboriste ni umuntu uzi gutunganya imiti neza akayigurisha ku bavuzi gakondo, hakabaho na Rebauteux ni abanga bazi kugorora amagufwa.

Ngo bagiye gusangiza ubumenyi abavuzi gakondo bari mu gihugu hose

Bahuguwe no kubirebana n'igenamigambi kugirango umuvuzi gakondo agire uruhare mu iterambere ry'igihugu, bibukijwe ko umuvuzi gakondo agomba guhamura ibitanga ubuzima kugirango batavaho bitwa abarozi.

Musabyemaliya Marie Claire ni umwe mu bakurikiranye amahugurwa, aravugaga ko amusigiye icyerekezo n'igihagararo mu igenamigambi, yongerewe ubumenyi mu gutegura imiti gakondo, abikoranye ubushishozi kugirango itagira icyo ihungabanyaho ububasha bw'ikimera mu kuvura umuntu.

Ngo bagiye gusangiza ubumenyi abavuzi gakondo bari mu gihugu hose, babakangurire gukorera hamwe ari nabyo bizabafasha guca akajagari. Bazatangirira mu Ntara y'I burasirazuba ahazahugurwa abavuzi gakondo 4448



Nkusi Uwimana Agnes

Umuyobozi wa UAGA RWANDA NETWORK Ndamyabera Boniface. (Photo/ Umurabyo)

Abakoresha ubutabera ku nyungu zabo byanduza isura y'ubutabera

Hirya no hino mu gihugu usanga abantu banyuranye bavuga ko hari abantu bafungisha abandi ku maherere bityo ibyo bikan-duza isura y'ubutabera. Aha ababivuga batanga ingero zitandukanye z'abantu bagiye bafungwa igihe kirekire bataburanye ngo icyaha kibahame bakatirwe, ahubwo bagafungwa bimwe bya munyumvishirize.

Aha baratanga urugero rwa Dr Runyinya Barabwiriza wahoze ari umujyanama wa Perezida Yuvenali Habyarimana, wafunzwe igihe kirekire ataburanye akaba yarashinjwaga ibyaha bya Jenocide yakorewe Abatutsi; aho ikibazo cyeye kitaweho n'inzego zibishinze yaraburanye agirwa umwere n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

Kuki Dr Runyinya Barabwiriza yatinze kuburanishwa kandi ari mu rukiko rwisumbuye rwa Huye ari no mu Rukiko Rukuru rwa Kigali, hose yararegwa ibyaha biremerewe birimo no gucura umugambi wa Jenocide kuva mu myaka ya 1990-1992?

Mu bushakashatsi twakoze kuri icyo kibazo, iyo ibyaha biza kuba koko biftiwe ibime-nyetso, ubushinjacyaha ntibubwa bwaratinze kumugeza imbere y'Urukiko mu ikubitiro ry'iburanishwa z'imanza za jenocide muri 1997 kuko yari yarafunzwe muri Nzeri 1994. Twaraperereje dusanga ahubwo Dr Runyinya yaranditse inzandiko nyinshi asaba ubushinjacyaha na Minisiteri y'Ubutabera guhabwa ubutabera ariko ayo mabaruru ntiyitabwaho.

Bivugwa ko na dosiye ye yari yarashyizwe mu kabati itagaragara mu bushinjacyaha.

Yaje kugaragazwa ari uko Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa muntu yitaye ku kibazo cyeye ibikoramo raporo yagombye kugezwa no kugibwaho impaka mu Nteko y'Intumwa za rubanda.

Hemejwe ko dosiye ye ishyikirizwa inkiko nk'uko amategeko abiteganyaho aho kugumya gufungwa imyaka n'inyaka nta rubanza nta rubanza rwaciwe.

Ikindi twabashije kumenya ni uko haba hari agatsiko k'abanyabubasha bashakaga kumuheza muri Gereza nta cyaha bamushinje, kuko aho agereye imbere y'ubutabera byagaragaye ko yabaye umwere ku byaha byose yashinjwaga.

Amategeko yagombye kuvugururwa kuko byagaragaye ko hari abantu bafungisha abandi ku busa, bagakurikiranwa kugirango isura y'ubutabera bw'igihugu cyacu itagumya kwanduzwa n'abadashakira abandi amahoro. Kuwa 12 Kanama 2011 nibwo Dr Runyinya Barabwiriza yagizwe umwere n'Urukiko rwisumbuye rwa Huye, runategeka ko ahita arekurwa, nyuma y'inyaka 16 afungiyeye muri gereza ya Karubanda i Huye.

Nyuma y'inyaka itatu agizwe umwere n'Urukiko rwa Huye ku byaha bya Jenocide yakorewe Abatutsi, Dr Runyinya Barabwiriza yongeye gusubizwa mu nkiko, Ubushinjacyaha bujuriye mu mwaka ushize; ariko yaburana ari hanze.

Urukiko rumaze gusuzuma ubujurire bw'ubushinjacyaha kuri ibi byaha, rwanzuye ko nta shingiro bufite, bityo Dr Runyinya Barabwiriza yongera kugirwa umwere.

Urukiko rwanategetse ko amagarama y'urubanza azatangwa n'ubushinjacyaha mu isanduku ya leta.

Nubwo urubanza rwasomwe Dr Runyinya Barabwiriza atagaragara mu rukiko, umugore we Agnes Uwamariya yatangarije itangazamakuru ko bari bizeye ubutabera bw'u Rwanda buhana ufite icyaha bukagira umwere utagifite.

Madame Agnes Uwamariya yagize ati "Iyo ubutabera bukora neza bitera igihugu ishema, hari abavuga ko igihugu kidafite ubutabera ariko ukuri kurigaragaje."

Runyinya Barabwiriza yavukiye aha hoze hitwa muri Komini Rwamiko mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro, Intara y'Amajyepfo, afite impamyabushobozi y'Ikirenga (Doctorat) mu buhinzi (Amenagement du Territoire) yavanye muri Kaminuza ya Gembloux, mu Bubiligi, akaba yarigishije igihe kinini muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda mu ishamba ry'Ubuhinzi.

Kuva mu 1992 nibwo yagizwe Umujyanama wa Perezida Yuvenali Habyarimana mu bijyanye n'ububanyi n'amahanga. Runyinya Barabwiriza yashinjwaga ibyaha bitatu; birimo kurema umutwe w'abagizi ba nabi hagamiywe gutsemba Abatutsi, gucura umugambi wo gukora Jenocide no kuyishishikariza abandi, gutanga amabwiriza yo kwica Abatutsi no gutanga ibikoresho byo kubicisha. Nyamara Jenocide yakozwe adahari ari hanze y'Igihugu.

Emile Bayisenge



Dr Runyinya Barabwiriza. (Photo/ File)

Ubuwuzi gakondo iyo bukozwe neza buvura nk'ubwa kizungu

Mu kiganiro twagiranye na Bwana Mbonigaba Twagira Alexis, umuvuzi gakondo akaba n'umushakashatsi mu buwuzi bwa gakondo n'umuhanga mu byerekeranye na Theologie, ndetse n'ubuyobozi (Administration), akaba akorera muri NAIVELA COMPANY, yadutangarije ko iyo ubuwuzi gakondo bukozwe neza buvura nk'ubuwuzi bwa kizungu, ndetse hakaba hari indwara zimwe na zimwe zinanirwa n'ubuwuzi bwa kizungu zikavurwa n'ubuwuzi bwa gakondo.

Mbonigaba Twagira Alexis yakomeje avuga ko kuva u Rwanda rwabaho nk'uko rwahanzwe na Gihanga kugeza ku mwaduko w'abazungu, abanyarwanda ndetse n'abanyafrika muri rusange bajyaga bivura bakoresheje ibimera, ibyo bikitwa ko bakoresha ubuwuzi bwa gakondo cyane cyane ku bakoresha ibimera uko byakabaye (naturelle). Nyuma y'umwaduko w'abazungu abazungu baraje imiti yabo ya gakondo bayikora mu buryo bwa gihanga ariko bongeramo produit chimique abantu bayibonye bakemeza ko iyo ya kizungu ariyo myiza. Nyamara n'ubwo ubushakashatsi butari bwaboneka mbere y'umwaduko w'abazungu abanyafrika hari uko twari tubayeho kuko twararwaga tukivura

tugakira, hariho ububanza bwa gakondo, imyambaro ya gakondo; tuvuye bamabaraga impu, ishabure n'inyonga. Ibyo byose byerekana ubuhanga bw'abanyarwanda, kugeza ubu rero ubushakashatsi bukaba buriho, ndetse no mu gihugu cy'u Rwanda ku buwuzi gakondo twavugaga nk'Ikigo cya I.R.S.T. gihanga kikanatunganyaho imiti ya gakondo, ndetse n'abashakashatsi batandukanye, kugeza ubu ubushakashatsi bukaba bukomeje.

Bwana Mbonigaba Twagira Alexis ni umushakashatsi mu buwuzi gakondo, akaba n'umuhanga mu byerekeranye na Theologie, ndetse n'ubuyobozi (Administration). Ni umuvuzi gakondo muri NAIVELA COMPANY ikorera Nyabugogo muri Hope guest House iruhande rwa Chez Manu ku muhanga ujya i Muhanga. Zimwe mu ndwara muri NAIVELA COMPANY bavura bakoresheje imiti ya Kinyarwanda, basuzuma abarwayi, bakora massage na Reflexologie, bagatanga inama ku buwuzi gakondo. Bavura amibe, igifu, impyiko, umwijima, diabete, asima, umuti utera akanyabugabo ku bagabo, umuti utera abagore bumye kubobera na rubagimpande, imitsi, amarozi, indwara z'uruho n'izindi ndwara zose. Uwak-

enera ibindi bisobanuro yahamagara kuri:0788454054/0728454055. Cyakora Mbonigaba Twagira Alexis ntiyemera imyitwarire mibi ya bamwe mu bavuzi gakondo bavugaga ko bavura bakoresheje ibinyabubasha, ingoma, ubupfumu, abavugaga ko bavura umwaku n'ibindi bida-hesha agaciro ubuwuzi gakondo buvura bakoresheje ibimera; abavuzi gakondo bakaba bakwiye kubahiriza amabwiriza areba abakora umwuga w'ubuwuzi gakondo bakoresha ibimera.

Emile Bayisenge

Bwana Mbonigaba Twagira Alexis ni umushakashatsi mu buwuzi gakondo, akaba n'umuhanga mu byerekeranye na Theologie



Inkubiri y'ubujura yatumye bamwe mu bakozi ba RAYON SPORTS polisi y'U Rwanda ibagwa gitumo

Mu mukino wa ¼ w'igikombe cy'amahoro wahuje ikipe ya Rayon Sports na Etincelle kuri Sitade ya Kicukiro, bamwe mu bacuruzaga amatike bo ku ruhande rw'ikipe ya Rayon Sports batawe muri yombi umukino ugitangira, aho bajanywe kuba bacumbikiwe kuri sitasiyo ya polisi ya Kicukiro, nyuma yo gufatwa bacuruza amatike y'amahimbano ya forode.

Abo bagabo babiri bafatiwe mu cyuho ubwo bacuruzaga amatike atandukanye n'amatike nyayo yo kwinjira ku uyu mukino, bo bari bazanye udukarine (carnet) duteyeho cachet ya kamwe mu Tugali two muri Nyanza, aho bavugaga ko bo bari mu kazi batazi niba ari amahimbano cyangwa atari amahimbano, ariko ntibagaragaze abatumye n'abo bakorera. Gusa izi karine bivugwa ko zaturutse i Nyanza ari naho iyi kipe ituruka.

Nubwo bateruraga ngo babe bavugaga aho bakuye ayo matike, umwe muri aba bagabo tutashoboye kumenya amazina yabo, yavuze ko we yayakuye mu gikapu cy'umwe mu bayobozi ba Rayon Sports (tudatangaje amazina kuko atarahamwaga n'icyaha, bikaba bikiri mu iperereza).



Umuvugizi w'ikipe ya Rayon Sport Aime Emmanuel Niyomusabye yemereye Makuruki.rw ko aya makuru ari yo hari abakozi babo (badahoraho) batawe muri yombi bafatiwe mu byaha byo gucuruza amatike ya forode adahuye n'ayo abandi bacuruzaga kuri Sitade, ko ubu bari muri Polisi guhatwa ibibazo.

Uyu muvugizi wa Rayon Sports yakomeje atangaza ko aba bafashwe basanzwe babakoresha mu kwinjira ariko batabarwa mu buryo buhoraho.

Ibi bivugwa muri iyi kipe bibaye ari ukuri ko bigirwamo uruhare na bamwe mu bayobozi na bamwe mu bakozi b'iyi kipe, byaba ari inkuru idashimije ku bakunzi b'ikipe nka Rayon Sports ihora itaka ubukene, na duke twakagombye kuba twinjira tukigira mu mifuka ya bamwe mu buryo bw'ubujura.

FERWAFWA igiye kubaka hoteli ifite ibyumba 88

Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda (FERWAFWA) riyobowe na Nzamwita Vincent rigiye gutangiza imirimo yo kwiyubakira hoteli y'inyenyeri enye (4 Star hotel) ifite ibyumba 88 ishobora kwakira nibura amakipe atatu. Nzamwita Vincent, umuyobozi wa FERWAFWA avugaga ko iyi hoteli ifite ingengo y'imari ya miliyari 4 Rwf nk'inkunga y'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi (FIFA) ikazubakwira iruhande rw'icyicaro cya FERWAFWA ahakorera Polisi y'igihugu "VIP Protection Unit" kandi ko nigice cyambere cy'inkunga cyamaze gushyikirizwa irishyirahamwe uyumuyobozi abajijwe niba koko yizyeyeko iyinkunga izabageraho yose yadutangarijeko iyo fifa itanze inkunga nk'iyi maze igakoreshwa neza ntakabuzabaguhya niyarisigaye. Kuba hoteli ari kimwe mu bitwara amafaranga menshi cyane mu gute-gura umwihereho w'amakipe y'igihugu, Nzamwita avugaga ko ari yo mpamvu bahisemo gutekereza kuri hoteli aho bamaze kubona 50% by'amafaranga FIFA yabemereye, asaga miliyari 2 Rwf.

Iyi hoteli izaba ifite ibyumba 88 ishobora kwakira nibura amakipe atatu icya rimwe. Yagize ati "Ni umushinga wadutwaye imbaraga nyinshi, umwanya munini n'ingendo nyinshi ngo abayobozi ba FIFA bawumve, bemere kuduha ariya mafaranga menshi mu gihe n'andi mashyirahamwe aba ayategereje." Uyu muvugizi wa FERWAFWA avugaga iki kibanza bacyemerewe na Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, bategereje ko abakirimo (Polisi y'igihugu) bimuka maze imirimo yo kubaka igatangira. Nzamwita ati "Twifuza ko nibura igikombe cy'afurika cy'abakina imbere mu gihugu (CHAN) kizabera mu Rwanda mu 2016 cyaba iyi hoteli yaruzuye, tuzasaba uwubaka gukora amanywa n'ijoro kugira ngo izakoreshwe ku buryo inyungu izavamo yajyanwa mu iterambere ry'umupira w'amaguru."

Inyungu cyangwa amafaranga azajya avamo azajya akoreshwa mu iterambere rya ruhago.



FERWAFWA ifite icyizere ko nibura buri mwaka amafaranga yatangwaga kuri hoteli aho ikipe y'igihugu ikorera umwihereho yazajya agumamo agakora ibindi bikorwa cyane iby'iterambere ry'umupira w'amaguru mu Rwanda. Nko mu mikino ya CECAFA Kagame cup yabereye mu Rwanda muri Kanama 2014, FERWAFWA yishyuye hafi miliyoni 260 ku mahoteli yari acumbitsemo abakinnyi n'abayobozi b'amakipe yitabiriye.

Mu Ukwakira 2014, FIFA yemeye umushinga w'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru muri Tuniziya wo kubaka hoteli nk'iyi ya FERWAFWA ibaha inkunga y'ibihumbi 500 \$.

Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru muri Romania rifite hotel yitwa Mogo-soaia ikoreshwa n'amakipe y'igihugu Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru muri Romania ni rimwe mu yafite hoteli ikoreshwa cyane mu gucumbikira abakinnyi b'ikipe y'igihugu naho abandi benshi bahakorera ibiruhuko.